Turirimbire Yehova twishimye

AMAGAMBO GUSA

Turirimbire Yehova Twishimye

—1 IBYO KU NGOMA 15:16

AMAGAMBO GUSA

Amazina

Itorero

Iyi mfashanyigisho ntigomba kugurishwa. Ni imwe mu bikoreshwa mu murimo ukorerwa ku isi hose wo kwigisha Bibiliya, ushyigikirwa n'impano zitangwa ku bushake.

Niba wifuza gutanga impano, jya ku rubuga rwa www.jw.org.

Turirimbire Yehova twishimye—Amagambo gusa
Yacapwe muri Gashyantare 2017

Kinyarwanda (*sjjyls*-YW)

© 2017
Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Abanditsi
Printed by Watch Tower Bible and Tract Society of South Africa NPC
1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739, R.S.A.

Made in the Republic of South Africa
Yacapiwe muri Repubulika ya Afurika y'Epfo

sjjyls-YW
171206

Irangiro

Yehova	1-12
Yesu/Incungu	13-20
Ubwami	21-24
Abasutsweho umwuka n'abagize izindi ntama	25-27
Imishyikirano dufitanye na Yehova	28-40
Isengesho	41-47
Kwiyegurira Yehova	48-52
Kubwiriza	53-84
Amateraniro	85-93
Ibyanditswe	94-98
Umuryango wacu w'abavandimwe	99-103
Imico y'Imana	104-130
Umuryango/Incuti	131-138
Ibyiringiro byacu	139-147
Gucungurwa/Umuzuko	148-151

1 *Imico ya Yehova*

(Ibyahishuwe 4:11)

1. Yehova, Mana Isumbabyose,
   Wowe Muremyi w'ibiriho byose,
   Waremye ijuru n'isi yose,
   Mana yacu urahebuje.

2. Utegekesha ubutabera,
   Utumenyesha ibyo udusaba.
   Ijambo ryawe riradufasha
   Tukabona ubwenge bwawe.

3. Yehova Mana uradukunda,
   Ibyo uduha biradushimisha.
   Tuzavuga iby'izina ryawe
   N'imico yawe ihebuje.

(Reba nanone Zab 36:9; 145:6-13; Umubw 3:14; Yak 1:17.)

2 *Yehova ni ryo zina ryawe*

(Zaburi 83:18)

1. Wowe Mana nzima
   Wowe waremye byose
   Kuva na kera kose
   Ni wowe Yehova.
   Rwose twishimira
   Kuba turi abawe.
   Tuzamenyesha bose,
   Iryo kuzo ryawe.

(*INYIKIRIZO*)

Yehova, Yehova,
Ni wowe wenyine,
Nta yindi Mana muhwanye.
Ni wowe wenyine.
Uri Ishoborabyose,
Bose babimenye.
Yehova, Yehova,
Ni wowe Mana iteka.

2. Ni wowe utuma
Duhinduka tukaba
Icyo ushaka cyose
Ni wowe Yehova.
Ku bw'ineza yawe
Watwise Abahamya.
Twaheshejwe ishema
No kukwitirirwa.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone 2 Ngoma 6:14; Zab 72:19; Yes 42:8.)

3 *Turakwiringira kandi turakwizera*

(Imigani 14:26)

1. Yehova Mana idukunda turakwiringira.
   Ibyiringiro uduha tuzabitangaza.
   Ariko imihangayiko idutera ubwoba,
   Ibyo byiringiro byacu bigahungabana.

(*INYIKIRIZO*)

Turakwiringira, turakwizera,
Nta n'icyo twakuburanye.
Iyo tubwiriza tuba twizeye
Ko utadutererana.

2. Yehova Mana udufashe ntitukibagirwe
   Ko uhora hafi yacu mu bibazo byacu.
   Ibyo ni byo bidukomeza bikadufasha cyane,
   Tukabona imbaraga zo kugusingiza.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 72:13, 14; Imig 3:5, 6, 26; Yer 17:7.)

4 *“Yehova ni Umwungeri wanjye”*

(Zaburi ya 23)

1. Yehova Mwungeri wanjye,
   Ni wowe unyobora.
   Uzi ibyo nifuza byose,
   Uzi ibyo nkeneye.
   Unjyana mu rwuri rwiza,
   Rutuje rutekanye.
   Unanyoborana urukundo
   Nkagira amahoro.
   Unyoborana urukundo
   Nkagira amahoro.

2. Inzira zawe ni nziza,
   Ziranakiranuka.
   Ntundeke ku bw’izina ryawe,
   Mpore ndi uwizerwa.
   N’iyo ngeze mu makuba
   Uranampumuriza.
   Nta na rimwe njya ntinya ikibi,
   Kuko nakwiringiye.
   Nta na rimwe ntinya ikibi,
   Kuko nakwiringiye.

3. Yehova, Mwungeri wanjye,
Ni wowe unyobora.
Umpa imbaraga n'ituze,
Umpa ibyo nkeneye.
Wowe Mana ihoraho,
Nzahora nkwiringira.
Urukundo n'ineza ugira
Bizahorana nanjye.
Urukundo n'ineza byawe
Bizahorana nanjye.

(Reba nanone Zab 28:9; 80:1.)

5 *Imirimo itangaje y'Imana*

(Zaburi ya 139)

1. Mana, uzi ibyanjye neza,
Igihe ndyamye n'igihe mbyutse.
Ugenzura ibindi mu mutima,
Ibyo mvuga n'uko ngenda urabizi.

Wambonye nkiri urusoro,
Wanabonye amagufwa yanjye.
Ndetse ishusho yanjye yaranditswe.
Nzavuga inzira zawe zitangaje.

Ubumenyi bwawe buratangaje;
Ubugingo bwanjye burabizi.
Ni yo nabundikirwa n'umwijima,
Yehova nzi neza ko wambona.

Ni he nakwihisha Yehova,
Nahungira amaso yawe he?
Si mu kirere cyangwa ikuzimu,
Si mu mwijima, si no munsi y'inyanja.

(Reba nanone Zab 66:3; 94:19; Yer 17:10.)

6 *Ijuru ritangaza icyubahiro cy'Imana*

(Zaburi ya 19)

1. Isanzure risingiza Yehova.
   Ryerekana neza icyubahiro cye.
   Rimusingiza uko bukeye
   Kandi rikagaragaza ubwenge bwe bwinshi.

2. Tuyoborwa n'amategeko ya Yah,
   Ibyo atwibutsa biradukomeza.
   Ubwami bwe burakiranuka.
   Twishimira Ijambo rye, riraturyohera.

3. Kumutinya birakwiriye rwose.
   Amategeko ye ni yo meza cyane,
   Tuyoborwa n'amabwiriza ye.
   Tuzahora dusingiza izina rye ryera.

(Reba nanone Zab 111:9; 145:5; Ibyah 4:11.)

7 *Yehova ni imbaraga zacu*

(Yesaya 12:2)

1. Yehova wowe mbaraga zacu,
   Mukiza wacu, tukwishimire.
   Tubwiriza ubutumwa bwawe,
   Abantu bakumva, batakumva.

(*INYIKIRIZO*)

Rutare rwacu, mbaraga zacu,
Izina ryawe risingizwe.
Yah Yehova, Ushoborabyose,
Gihome cyacu duhungiramo.

2. Twe twishimira umucyo wawe;
   Amaso yacu yarahumutse.
   Tubona ukuri mu Byanditswe.
   Dushyigikiye Ubwami bwawe.

(*Inyikirizo*)

3. Mana, tugukorera twishimye,
   Nubwo Satani adutoteza.
   Mana ukomeze kudufasha
   Ngo tuzakomeze gushikama.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone 2 Sam 22:3; Zab 18:2; Yes 43:12.)

8 *Yehova ni ubuhungiro bwacu*

(Zaburi ya 91)

1. Yah buhungiro bwacu,
   Ni we twiringira.
   Ni we bwugamo bwacu;
   Tugumane na we.
   Kuko azaturengera,
   Turindwa n'imbaraga ze.
   Ni we gihome cyacu,
   Kandi ni indahemuka.

2. Ibihumbi nibigwa
   Iruhande rwacu,
   Abicisha bugufi
   Nta cyo tuzikanga.
   Ntituzagira ubwoba,
   Nk'abahuye n'amakuba.
   Turindwa na Yehova,
   Tugume mu mababa ye.

3. Tuzarindwa n'Imana
   Mu rugendo rwacu,
   Nta kizaduhutaza
   Ngo duhungabane.
   Nta cyo tuzatinya na mba;
   Nta n'ahantu tuzatinya.
   Yah buhungiro bwacu
   Ukomeze kuturinda.

(Reba nanone Zab 97:10; 121:3, 5; Yes 52:12.)

9 *Yehova ni Umwami wacu!*

(Zaburi 97:1)

1. Mwese musingize Yehova,
   Gukiranuka kwe kwaratangajwe.
   Tumuririmbire tunamusingize,
   Dutangaze ibikorwa bye.

(*INYIKIRIZO*)

Isi ninezerwe, n'ijuru ryishime,
Yehova yabaye Umwami!
Isi ninezerwe, n'ijuru ryishime,
Yehova yabaye Umwami!

2. Nimutangaze ikuzo rye,
   Kuko azarokora ubwoko bwe.
   Yehova Umwami nasingizwe cyane.
   Tujye twunama imbere ye.

(*Inyikirizo*)

3. Ubwami bwe burategeka,
   Buyobowe n'Umwana we yimitse.
   Imana z'iyi si zikorwe n'isoni.
   Nihasingizwe Yah wenyine.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone 1 Ngoma 16:9; Zab 68:20; 97:6, 7.)

10 *Dusingize Yehova Imana yacu!*

(Zaburi 145:12)

1. Dushime Yehova Data!
   Dutangaze izina rye!
   Dutange umuburo we,
   Umunsi we uri bugufi.
   Yah yavuze ko ubu ari bwo
   Umwana agomba kwima.
   Dutangaze hose imigisha
   Tuzahabwa na Yehova!

(*INYIKIRIZO*)
Dushime Yehova Data!
Dutangaze ko akomeye!

2. Dushime Yehova Data!
   Dusingize izina rye!
   Tuvuge ikuzo rya Yah
   N'umutima unezerewe.
   Imana yacu irakomeye,
   Nyamara ikatwitaho.
   Data azi ibyo dukeneye,
   Tumusabe azatwumva.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 89:27; 105:1; Yer 33:11.)

11 *Ibyaremwe bisingiza Imana*

(Zaburi ya 19)

1. Ibyo waremye Mana ni byinshi,
   Bivuga icyubahiro cyawe.
   Bibikora nta jambo bivuze,
   Bitangaza ubutumwa hose.
   Bibikora nta jambo bivuze,
   Bitangaza ubutumwa hose.

2. Kugutinya bihuje n'ubwenge,
   Biturinda gukora ibibi.
   Bibiliya iratuyobora;
   Ubutunzi burimo ni bwinshi.
   Bibiliya iratuyobora;
   Ubutunzi burimo ni bwinshi.

3. Kukumenya ni byo biturinda
   Maze twese tukabaho neza.
   Nitwubahisha izina ryawe
   Uzaduha imigisha myinshi.
   Nitwubahisha izina ryawe
   Uzaduha imigisha myinshi.

(Reba nanone Zab 12:6; 89:7; 144:3; Rom 1:20.)

12 *Yehova Mana ikomeye*

(Kuva 34:6, 7)

1. Mana Yehova, urakomeye,
   Ukwiriye ikuzo, uranakiranuka.
   Imico yawe irahebuje;
   Uhoraho iteka.

2. Mana ugira impuhwe nyinshi.
   Utwitaho, ukumva amasengesho yacu.
   Uratwigisha, ukadufasha,
   Utwitaho iteka.

3. Isi n'ijuru biguhimbaze.
   Turishima iteka, iyo tugusingiza.
   Mana Yehova, urakomeye.
   Singizwa Mana yacu.

(Reba nanone Guteg 32:4; Imig 16:12; Mat 6:10; Ibyah 4:11)

13 *Kristo ni we cyitegererezo cyacu*

(1 Petero 2:21)

1. Shimira Yehova ku bw'urukundo rwe,
   Kuko yatanze Umwana we Kristo.
   Na we yaremeye abana n'abantu.
   Yubahishije izina rya Se.

2. Kristo yakundaga Ijambo ry'Imana.
   Ni ryo ryatumye agira ubwenge.
   Yumviye Yehova, aramukorera.
   Yashimishaga Se muri byose.

3. Twifuza kwigana Yesu muri byose,
   Tukubahisha Umuremyi wacu.
   Tujye tumwigana mu buzima bwacu,
   Maze twemerwe n'Imana yacu.

(Reba nanone Yoh 8:29; Efe 5:2; Fili 2:5-7.)

14 *Dusingize Umwami mushya w'isi*

(Zaburi 2:12)

1. Abantu batabarika
   Bateraniye hamwe.
   Bakorakoranyijwe na Kristo
   N'itorero rye.
   Ubwami bwa Yah bwimitswe;
   Buzategeka iyi isi.
   Maze tubone ihumure,
   N'ibyishimo bidashira.

(*INYIKIRIZO*)

Singiza Yehova; singiza na Kristo,
We mutware n'Umwami wacu.
Tuzamwumvira iteka ryose,
Tumusingize twese.

2. Nidusingize Umwami wacu
   Kristo wimitswe.
   Uwo Mwami w'amahoro
   Azadukiza rwose.
   Tuzagira ibyishimo,
   Ntituzagira ubwoba,
   Kandi mu gihe cy'umuzuko
   Tuzasabwa n'ibyishimo!

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 2:6; 45:1; Yes 9:6; Yoh 6:40)

15 *Nimusingize Umwana w'Imfura wa Yehova!*

(Abaheburayo 1:6)

1. Mwese musingize
   Uwashyizweho na Yah.
   Ayoboye Ubwami
   Butanga imigisha.

   Kuko akiranuka
   Azarwanirira
   Izina rya Yehova
   N'ubutegetsi bwe.

   (*INYIKIRIZO*)
   Mwese musingize
   Uwimitswe n'Imana.
   Yashyizwe i Siyoni,
   Ubu arategeka!

2. Mwese musingize
   Kristo wadupfiriye,
   We watanze incungu
   Kugira ngo tubeho.

   Umugeni wa Kristo
   Yambaye ibyera.
   Ubukwe bwe na Kristo
   Buzubahisha Yah.

   (*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 2:6; 45:3, 4; Ibyah 19:8.)

16 *Yehova yasutse umwuka ku Mwana we*

(Ibyahishuwe 21:2)

1. Yah yatoranyije Yesu
   Ngo ategeke byose.
   Ni Umwami ukiranuka,
   Uzategeka iyi si.

(*INYIKIRIZO*)

Yehova yahisemo Yesu,
Amusukaho umwuka.
Twe tuzamubera abizerwa
Tube n'indahemuka.
Yehova yahisemo Yesu,
Amugabira Ubwami,
Kugira ngo aheshe ikuzo
Izina ryera rya Se.

2. Abavandimwe ba Kristo,
   Bavutse bundi bushya.
   Bazategekana na Yesu
   Isi ibe Paradizo.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Imig 29:4; Yes 66:7, 8; Yoh 10:4; Ibyah 5:9, 10.)

17 *Yesu yakundaga abantu*

(Luka 5:13)

1. Kristo Umwana w'Imana
   Yarangwaga n'urukundo.
   Yitaga ku bantu mu bikorwa bye.
   Yakunze abantu bose.
   Yitaga ku boroheje,
   Agakiza n'abarwayi.
   Yasohozaga inshingano ye
   Akabikora yishimye.

2. Twigana urugero rwe
   Mu bikorwa byacu byose.
   Dukunda abandi tukabitaho,
   Tukabigisha kumvira.
   Dufasha incuti zacu
   Mu magambo n'ibikorwa.
   Twite ku mfubyi n'abapfakazi,
   Tunabikore twishimye.

(Reba nanone Yoh 18:37; Efe 3:19; Fili 2:7.)

18 *Turagushimira ku bw'incungu*

(Luka 22:20)

1. Yehova ubu turi imbere yawe.
   Urukundo wadukunze rurahebuje.
   Watanze Umwana wawe ngo tubeho.
   Nta cyaruta igitambo wadutangiye.

(*INYIKIRIZO*)

Yatanze ubuzima bwe.
Amena amaraso ye.
Mana tugushima
Tubikuye ku mutima.

2. Yesu yaritanze araducungura.
   Yaradukunze atanga ubuzima bwe.
   Ni we waduhesheje ibyiringiro.
   Twiringiye kuzabaho,
   Hehe n'urupfu!

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Heb 9:13, 14; 1 Pet 1:18, 19.)

19 *Ifunguro ry'Umwami rya nimugoroba*

(Matayo 26:26-30)

1. Yehova, Data uhoraho,
   Uyu munsi utwibutsa
   Urukundo rukomeye wadukunze
   N'indi mico yawe myiza.
   Umwana wawe w'ikinege
   Yatanze ubuzima bwe.
   Amaraso ya Yesu yaramenetse
   Bisohoza ubuhanuzi.

2. Waducunguje amaraso
   Y'agaciro kenshi cyane.
   Uwo mwana wawe yaradupfiriye
   Ngo tubone ubuzima.
   Twizihiza uyu muhango
   Kubera ko utwibutsa
   Ukuntu igitambo cy'Umwana wawe
   Cyatumye dukizwa urupfu.

3. Twahuriye imbere yawe.
Twemeye ubutumire
Ngo tugusingize kuko udukunda,
Tunaguheshe ishema.
Tuje kugushimira cyane
Kuko watanze incungu.
Tugume mu nzira tweretswe na Kristo,
Maze tuzabeho iteka.

(Reba nanone Luka 22:14-20; 1 Kor 11:23-26.)

20 *Watanze Umwana wawe ukunda*

(1 Yohana 4:9)

1. Yehova dukunda,
   Twari twarihebye,
   Incungu iduha ibyiringiro.
   Twaritanze twese
   Ngo tugukorere.
   Tubwira abandi
   Ubutumwa bwiza.

(*INYIKIRIZO*)

Waraducunguye,
Tuzagusingiza,
Tunakuririmbire,
Kuko watanze incungu.

2. Impuhwe ugira
Ntizirondoreka.
Yehova dukunda
Izina ryawe.
Ikiruta byose,
Ni umwana wawe
Watanzwe ku bwacu
Ngo tubeho neza.

(*Inyikirizo*)

(*UMUSOZO*)

Yehova dukunda turagushimira,
Kubera ko waduhaye Umwana wawe.

(Reba nanone Yoh 3:16; 15:13.)

21 *Komeza gushaka mbere na mbere Ubwami*

(Matayo 6:33)

1. Ikintu cy'ingenzi cyane
   Kinezeza Yehova,
   Ni Ubwami bwa Mesiya
   Buzatunganya byose.

(*INYIKIRIZO*)

Banza ushake Ubwami,
Shaka gukiranuka.
Jya ukorera Yehova
Uri indahemuka.

2. Ntitugatinye iby'ejo,
   Iby'inzara n'inyota.
   Imana izatwitaho
   Nidushaka Ubwami.

(*Inyikirizo*)

3. Tangaza Ubwami bwa Yah;
   Fasha abakwiriye
   Ngo biringire Imana
   N'ubutegetsi bwayo.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 27:14; Mat 6:34; 10:11, 13; 1 Pet 1:21.)

22 *Ubwami burategeka —Nibuze!*

(Ibyahishuwe 11:15; 12:10)

1. Mana kera wahozeho,
   Uzanahoraho.
   Wimitse Umwana wawe;
   Umwishyiriraho.
   Ubwami burategeka;
   Kandi buzakwira isi.

(*INYIKIRIZO*)

Ubu habonetse
Agakiza n'ababasha.
Ubwami bwavutse.
Rwose "nibuze, nibuze."

2. Satani azarimbuka;
   Bizadushimisha.
   Iyi minsi y'imperuka,
   Igiye kuvaho.
   Ubwami burategeka;
   Kandi buzakwira isi.

(*Inyikirizo*)

3. Bamarayika mwishime
   Muririmbe cyane.
   Ijuru nirinezerwe
   Rikize Satani.
   Ubwami burategeka;
   Kandi buzakwira isi.

(*Inyikirizo*)

(Reba no muri Dan 2:34, 35; 2 Kor 4:18.)

23 *Yehova yatangiye gutegeka*

(Ibyahishuwe 11:15)

1. Ubwami bwa Yehova
Buyobowe na Kristo.
Ubu ategeka i Siyoni.
Turangurure ijwi,
Dusingize Yehova.
Kristo yashyizwe
ku ntebe ye y'Ubwami.

(*INYIKIRIZO*)

Ni 'ki Ubwami buzazana?
Gukiranuka n'ukuri.
Ni 'ki se kindi buzazana?
Ni ubuzima bw'iteka.
Nimusingize Yehova
Kuko adahemuka.

2. Kristo arategeka
Imperuka iraje,
Isi ya Satani izavaho.
Ubu turabwiriza,
Dushakisha abantu,
Abiyoroshya
bagasanga Yehova.

(*Inyikirizo*)

3. Umwami utegeka
Tumwishimire rwose.
Yaje atumwe na Se Yehova.
Mujye mu rusengero
Mushimire Yehova.
Yesu azategeka ibintu byose.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone 2 Sam 7:22; Dan 2:44; Ibyah 7:15.)

24 *Tujye ku musozi wa Yehova*

(Yesaya 2:2-4)

1. Dore umusozi
   Usumba indi yose.
   Ni wo musozi wa Yah
   Washyizwe hejuru.

   Abantu baraza,
   Bavuye kure cyane.
   Bose barabwirana,
   Bati “mwese muze.”

   Igihe kiraje,
   Umuto akaba ishyanga.
   Uko twiyongera,
   Yehova aratuyobora.

   Abamuyoboka
   Bariyongera cyane
   Kandi bahigiye
   Kutava aho ari.

2. Yesu yategetse
Ko tujya kubwiriza,
Bose bakagezwaho
Ubutumwa bwiza.

Kristo ni Umwami,
Tujye ku ruhande rwe.
Twumve ijwi rya Yesu,
Tubone inzira.

Dushimishwa n'uko
Abumva biyongera cyane!
Twese tubafashe
Ngo na bo bamenye Yehova.

Niturangurure
Maze bose batwumve,
Baze ku musozi we,
Bahabe iteka.

(Reba nanone Zab 43:3; 99:9; Yes 60:22; Ibyak 16:5.)

25 *Umutungo w'Imana*

(1 Petero 2:9)

1. Abo bana b'Imana
   Ni icyaremwe gishya.
   Yabakuye mu bantu,
   Irabatoranya.

(*INYIKIRIZO*)

Ni aba Yehova,
Ni na we bitirirwa.
Baramusingiza,
Bagatangaza ikuzo rye.

2. Ni ishyanga rye ryera.
   Babwiriza ukuri.
   Bavuye mu mwijima,
   Bagera mu mucyo.

(*Inyikirizo*)

3. Barabwiriza cyane,
   Bashaka intama ze.
   Bumvira Yesu Kristo,
   Umwana w'intama.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Yes 43:20b, 21; Mal 3:17; Kolo 1:13.)

26 *Ni jye mwabikoreye*

(Matayo 25:34-40)

1. Umwami afite n'izindi ntama ze
   Zifasha abasutsweho umwuka.
   Ibintu byose dukora tubafasha,
   Yesu Kristo azabiduhembera.

(*INYIKIRIZO*)

"Mwarakoze kuko mwabitayeho.
Ibyo byose ni jye mwabikoreye.
Mwabakoreye ibikorwa byiza.
Burya ni jye mwabikoreraga.
Ibyo byose ni jye mwabikoreye."

2. "Mwamfashije nshonje, inyota yanyishe.
   Nta kintu na kimwe nababuranye."
   Bamubaze bati "twabikoze ryari?"
   Umwami azabasubiza ati

(*Inyikirizo*)

3. "Mwangaragarije ubudahemuka,
   Mubwiriza mufatanyije na bo."
   Yesu azabwira izo ntama ati
   "Muragwe isi n'ubuzima bwiza."

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Imig 19:17; Mat 10:40-42; 2 Tim 1:16, 17.)

27 *Guhishurwa kw'abana b'Imana*

(Abaroma 8:19)

1. Yehova azahishura
   Abatoranyijwe,
   Bategekane na Kristo
   Mu Bwami bw'ijuru.

(*INYIKIRIZO*)

Bari hafi guhishurwa
Bimane na Kristo.
Bazarwana intambara,
Batsinde burundu.

2. Vuba 'ha abasigaye
   Bazahamagarwa.
   Umwami azabajyana
   Bahabwe Ubwami.

(*Inyikirizo*)

3. Bazarwana intambara
   Ya nyuma, batsinde.
   Mu bukwe bwabo na Kristo
   Bazishima cyane.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Dan 2:34, 35; 1 Kor 15:51, 52; 1 Tes 4:15-17.)

28 *Tube incuti za Yehova*

(Zaburi ya 15)

1. Ni nde ncuti yawe,
Izaba iwawe?
Ni nde ukunda, wiringira,
Wakumenya neza?
Ni abashikama
Mu byo ubigisha.
Ni abantu b'indahemuka,
Bakunda ukuri.

2. Ni nde ncuti yawe,
Yaba hafi yawe?
Ni nde ugushimisha cyane?
Uwo uzi ni nde?
Ni abakubaha
Bakanakumvira.
Ni abantu bizerwa bose,
Bavuga ukuri.

3. Mana yacu reba
Mu mitima yacu,
Twunge ubumwe, dukundane.
Twumve utwiteho.
Turifuza rwose
Kuba hafi yawe.
Rwose nta ncuti ikuruta
Twakwishyikiraho.

(Reba nanone Zab 139:1; 1 Pet 5:6, 7.)

29 *Tubeho duhuje n'izina ryacu*

(Yesaya 43:10-12)

1. Yehova Mana ushobora byose,
   Urakiranuka bihebuje.
   Uri isoko y'ukuri n'ubwenge,
   Ni wowe Mwami usumba byose.
   Twishimira cyane kugukorera;
   Dutangaza iby'Ubwami bwawe.

(*INYIKIRIZO*)

Twishimira ko turi Abahamya.
Tubeho duhuje n'iryo zina!

2. Gukora umurimo wawe wera
   Bituma tubana mu mahoro.
   Kwigisha ukuri kw'Ijambo ryawe
   Biratunezeza bihebuje.
   Data, twitirirwa izina ryawe;
   Tuzatangaza ikuzo ryawe.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Guteg 32:4; Zab 43:3; Dan 2:20, 21.)

30 *Data, Mana yanjye, ncuti yanjye*

(Abaheburayo 6:10)

1. Kubaho biragoye.
   Byuzuyemo imibabaro.
   Ariko nibuka ko mfite agaciro.

(*INYIKIRIZO*)

Mana, ntukiranirwa,
Wibuka uko nagukunze.
Undi hafi iteka;
Yehova ndi kumwe nawe.
Yehova ni we Mana imfasha
kandi ikandinda.
Mana yanjye, ncuti yanjye, uri Data.

2. Ngeze mu za bukuru.
   Ngeze mu minsi y'amakuba.
   Icyakora ndizera, sinziheba rwose.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 71:17, 18.)

31 *Tugendane na Yehova*

(Mika 6:8)

1. Tugendane na Yehova
   Turi indahemuka.
   Dukomeze kuba abizerwa
   Tubone imbaraga.
   Tuyoborwe na Bibiliya
   Tudatandukira.
   Nidukomeza kumvira
   Yah azatuyobora.

2. Tugendane na Yehova,
   Duhore tumwumvira.
   Niduhura n'ibigeragezo
   Azaduhumuriza.
   Nitwita ku bishimwa byose
   N'iby'ukuri byose,
   Tukabitekerezaho,
   Azajya adufasha.

3. Tugendane na Yehova,
   Ni we ncuti nyancuti.
   Tumushimire impano zose
   N'imigisha aduha.
   Tuzagendana na Yehova
   Duhore twishimye.
   N'abandi bazibonera
   Ko twamwiyeguriye.

(Reba nanone Intang 5:24; 6:9; Fili 4:8; 1 Tim 6:6-8.)

32 *Korera Yehova*

(Kuva 32:26)

1. Twari twaraheze mu rujijo
   Twiga ibinyoma by'amadini.
   Mbega ukuntu twishimye cyane
   Tucyumva iby'Ubwami.

(*INYIKIRIZO*)

Korera Yehova; umwishimire.
Ntazakwibagirwa; gendana na we.
Bwiriza ukuri udacogora.
Ubwami bwa Yesu burategeka.

2. Dukorera Yehova twishimye
   Tukabwiriza abantu bose.
   Tubafashe guhitamo neza
   Bakorere Yehova.

(*Inyikirizo*)

3. Twitinya ibitero by'Umwanzi.
   Twiringire Umuremyi wacu.
   Nubwo dufite abanzi benshi,
   Ni we mbaraga zacu.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 94:14; Imig 3:5, 6; Heb 13:5.)

33 *Ikoreze Yehova umutwaro wawe*

(Zaburi ya 55)

1. Umva isengesho ryanjye.
Yehova, ntunyihishe.
Umva agahinda kanjye
Ungirire impuhwe.

(*INYIKIRIZO*)
Muhe umutwaro wawe;
Na we azagufasha rwose.
Yehova azakurinda,
Ntazagutererana.

2. Iyo ngira amababa,
Mba ngurutse nkagenda,
Ngahunga abanzi banjye,
Nkikinga urugomo.

(*Inyikirizo*)

3. Yehova umpumurize
Nibere mu mahoro.
Mfasha umutwaro wanjye
Kuko ugira neza.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 22:5; 31:1-24.)

34 *Tugendere mu nzira itunganye*

(Zaburi ya 26)

1. Mwami wanjye ncira urubanza,
   Urebe ko nkora ibigushimisha.
   Ungenzure, unangerageze
   Kandi untunganye umpe umugisha.

(*INYIKIRIZO*)

Jye ubwanjye niyemeje rwose
Gukomeza kuba umukiranutsi.

2. Sinicara mu banyabinyoma.
   Nanga kugendana n'abanga ukuri.
   Ntandukanya n'abo banyabyaha,
   Bahora bashaka gukora ibibi.

(*Inyikirizo*)

3. Nkunda cyane inzu utuyemo.
   Ni wowe wenyine nsenga buri munsi,
   Ngushimira ibyo wankoreye,
   Kandi nzamamaza imirimo yawe.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 25:2.)

35 *‘Tumenye neza ibintu by’ingenzi kurusha ibindi’*

(Abafilipi 1:10)

1. Tugire ubushishozi cyane,
   Tumenye iby’ukuri,
   Tunamenye ibintu by’ingenzi;
   Tumenye ibya ngombwa.

(*INYIKIRIZO*)

Dushimishe Yah Yehova
Twang’ ibibi.
Rwose tuzabona imigisha
Nitumenya
Iby’ingenzi tukabikora.

2. Ese hari ikintu cy’ingenzi
   Cyaruta kubwiriza,
   Dushaka abifuza ukuri
   Ngo bamenye Yehova?

(*Inyikirizo*)

3. Twite ku bintu by’ingenzi cyane,
   Tuzanyurwa by’ukuri.
   Tuzagira amahoro menshi,
   Tugire ibyishimo.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 97:10; Yoh 21:15-17; Fili 4:7.)

36 *Rinda umutima wawe*

(Imigani 4:23)

1. Rinda umutima wawe;
   Jya wanga icyaha.
   Yah areba mu mutima,
   Umuntu w'imbere.
   Umutima urabeshya,
   Wayobya umuntu.
   Jya ukoresha ubwenge;
   Gendana n'Imana.

2. Ujye ushaka Imana
   Uyisenga cyane.
   Jya uyishimira kenshi;
   Kuko ikwitaho.
   Ujye wumvira Yehova
   Wige Ijambo rye.
   Ujye uba uwizerwa,
   Unamushimishe.

3. Rinda umutima wawe;
   Gundira ukuri.
   Reka Ijambo ry'Imana
   Ribe ku mutima.
   Urukundo rwa Yehova
   Ruragukomeza.
   Umusengane umwete,
   Ube incuti ye.

(Reba nanone Zab 34:1; Fili 4:8; 1 Pet 3:4.)

37 *Korera Yehova utizigamye*

(Matayo 22:37)

1. Mana, Mutegetsi wacu,
   Ndagukunda nkanakumvira.
   Ni wowe niyeguriye;
   Nzagukorera buri munsi.
   Nzahora nkumvira iteka.
   Nkunda ibyo utwibutsa.

(*INYIKIRIZO*)

Mana, birakwiriye ko
Nkwiyegurira ntizigamye.

2. Yehova ibyo waremye
   Biguhesha ikuzo byose.
   Nanjye nzaba uwizerwa
   Namamaze izina ryawe.
   Nzakomeza kugukorera
   Nkubere indahemuka.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Guteg 6:15; Zab 40:8; 113:1-3; Umubw 5:4; Yoh 4:34.)

38 *Imana izagukomeza*

(1 Petero 5:10)

1. Imana yatumye umenya ukuri,
   Ikuvana mu mwijima mwinshi.
   Yabonye cya cyifuzo wari ufite
   Cyo kuyishaka utizigamye.
   Wemeye ko uzayikorera;
   Na yo izahora igufasha.

(*INYIKIRIZO*)

Ubu uri uwayo kuko yakuguze.
Izagukomeza maze ushikame.
Izajya ikuyobora inakurinde.
Izagukomeza maze ushikame.

2. Umwana w'Imana yatanzwe ku bwawe,
   Kuko ikwifuriza ibyiza.
   Ko yemeye gutanga Umwana wayo,
   Yabuzwa n'iki kugukomeza!
   Izibuka ukwizera kwawe;
   Ntizareka kukwitaho rwose.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Rom 8:32; 14:8, 9; Heb 6:10; 1 Pet 2:9.)

39 *Twiheshe izina ryiza ku Mana*

(Umubwiriza 7:1)

1. Igihe cyose tuzagandukira
   Imana yacu kandi tuyumvire.
   Tujye twihatira gukora ibyiza,
   Tuzashimisha Yah Yehova.

2. Gukundwa n'isi nta kintu bimaze
   Kimwe no kuba ikirangirire.
   Ibyo ni ubusa. Nituba ab'isi,
   Ntituzemerwa na Yehova.

3. Yehova Mana ntuzatwibagirwe,
   Uzatwandike mu gitabo cyawe.
   Tuzakwiringira tukuvuganire,
   Uzakomeze kutwibuka.

(Reba nanone Intang 11:4; Imig 22:1; Mal 3:16; Ibyah 20:15.)

40 *Uri uwa nde?*

(Abaroma 14:8)

1. Uri uwa nde se?
   Ni nde uzakorera?
   Kuko imana wunamira
   Ari na yo ukorera.
   Uzakorera nde
   Ngo umwiyegurire?
   Nutegura umutima wawe
   Uzahitamo neza.

2. Uri uwa nde se?
   Ni nde uzakorera?
   Hari imana y'ikinyoma
   Ndetse n'Imana y'ukuri.
   Ese Kayisari
   Ni we ushyigikiye,
   Cyangwa Imana imwe y'ukuri
   Ni yo uzakorera?

3. Ese ndi uwa nde?
   Ni Yehova nzumvira.
   Nzamukorera ntizigamye;
   Nzajya mwumvira iteka.
   Yantanzeho byinshi;
   Naramwiyeguriye.
   Nzamukorera iteka ryose;
   Nzahora musingiza.

(Reba nanone Yos 24:15; Zab 116:14, 18; 2 Tim 2:19.)

41 *Umva isengesho ryanjye*

(Zaburi ya 54)

1. Nyagasani Yehova nyumva.
   Mana yanjye niyeguriye;
   Ndakwinginze ntega amatwi.

(*INYIKIRIZO*)
Yehova Mana, rwose nyumva.

2. Urakoze ku bw'uyu munsi,
   Wowe nkesha ubu buzima.
   Nishimira ko unyitaho.

(*Inyikirizo*)

3. Nzajya nkora ibyo ushaka.
   Mwami mfasha nkore ibyiza.
   Unkomeze, ne gucogora.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Kuva 22:27; Zab 106:4; Yak 5:11.)

42 *Isengesho ry'umugaragu w'Imana*

(Abefeso 6:18)

1. Mana yanjye wowe waturemye,
   Izina ryawe rihabwe ikuzo,
   Ibyo ushaka byose bibe.
   Mana, Ubwami bwawe nibuze,
   Nk'uko wabitegetse,
   Tubone imigisha.

2. Mana yacu turagushimira.
   Imigisha tugukesha ni myinshi.
   Ni wowe soko y'ubuzima;
   Uduha ubwenge n'ubumenyi.
   Turabigushimira,
   Tukanagusingiza.

3. Iyo turi mu bibazo byinshi,
   Mana ni wowe uduhumuriza.
   Data turagutakambiye
   Duhe imbaraga twihangane,
   Duhore tukumvira,
   Maze tugushimishe.

(Reba nanone Zab 36:9; 50:14; Yoh 16:33; Yak 1:5.)

43 *Isengesho ryo gushimira*

(Zaburi 95:2)

1. Yehova Mana turagushimira,
   Data, akira ishimwe ryacu.
   Twifuza kugukorera iteka,
   Tuzi neza yuko utwitaho.
   Dukora ibyaha ntidutunganye,
   Turakwinginze tubabarire.
   Tugushimiye ko waducunguye,
   Kuko uzi intege nke zacu.

2. Turagushimira ko udukunda.
   Kuba incuti zawe ni byiza.
   Uzajye udufasha tukumenye.
   Twifuza kuba indahemuka.
   Twishimira imbaraga uduha,
   Ngo tubashe kukuvuganira.
   Twifuza kugukorera twishimye.
   Tuzi ko wita ku boroheje.

(Reba nanone Zab 65:2, 4, 11; Fili 4:6.)

44 *Isengesho ry'uworoheje*

(Zaburi 4:1)

1. Mana ndakwinginze umva isengesho ryanjye.
   Ndarushye, umutwaro wanjye urananiye,
   Kuko nanijwe no guhora ntenguhwa kenshi.
   Mana nyir'ihumure, ndakwinginze ntabara.

(*INYIKIRIZO*)

Yehova mpa kwihangana.
Unkomeze ne kwiheba.
Ndagusabye untabare.
Nsubizamo imbaraga.

2. Mpumurizwa n'ljambo ryawe, rirankomeza.
   Simbasha kuvuga, reba mu mutima wanjye,
   Umpe kugira ukwizera n'ibyiringiro
   Kandi mfasha kumenya iby'urukundo rwawe.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 42:6; 119:28; Rom 8:26; 2 Kor 4:16; 1 Yoh 3:20.)

45 *Ibyo umutima wanjye utekereza*

(Zaburi 19:14)

1. Ibyo mu mutima wanjye,
   Ibyo mpora ntekereza,
   Mwami nibigushimishe,
   Njye nguma mu nzira yawe.
   Nintagoheka nijoro,
   Hari ibindemereye,
   Nzajya nibwira ibyawe,
   Bihora bikiranuka.

2. Ibintu by'ukuri byose
   Ibikorwa byiza byose,
   N'ibivugwa neza byose,
   Ni byo bimpa amahoro.
   Nkunda ibyo utwigisha,
   Mbiha agaciro kenshi.
   Nzajya mbitekerezaho,
   Mbihorane ku mutima.

(Reba nanone Zab 49:3; 63:6; 139:17, 23; Fili 4:7, 8; 1 Tim 4:15.)

46 *Warakoze Yehova*

(1 Abatesalonike 5:18)

1. Warakoze Yehova Mana yacu,
   Umurikira inzira zacu.
   Warakoze kumva amasengesho
   Tugusenga tukwisanzuyeho.

2. Warakoze kuduha Yesu Kristo
   Waducunguye akadukiza.
   Warakoze kuba utuyobora,
   Tugakora ibigushimisha.

3. Warakoze kuduha umurimo
   Wo kwamamaza izina ryawe.
   Tugushimiye imigisha myinshi
   Tuzazanirwa n'Ubwami bwawe.

(Reba nanone Zab 50:14; 95:2; 147:7; Kolo 3:15.)

47 *Dusenge Yehova buri munsi*

(1 Abatesalonike 5:17)

1. Dusenge Yehova aratwumva
   Kuko twitirirwa izina rye.
   Tumwugururire umutima,
   Tujye tumwishingikirizaho.
   Dusenge buri munsi.

2. Dusenge Yehova dushimira.
   Tujye tumusaba imbabazi.
   Tujye tumwaturira ibyaha,
   Azi ko tugira intege nke.
   Dusenge buri munsi.

3. Dusenge Yehova mu makuba,
   Ni umubyeyi utuba hafi.
   Tujye tumusaba adufashe.
   Tujye duhora tumwiringira.
   Dusenge buri munsi.

(Reba nanone Zab 65:5; Mat 6:9-13; 26:41; Luka 18:1.)

48 *Tugendane na Yehova buri munsi*

(Mika 6:8)

1. Tugendane na Yehova,
   Twicishije bugufi cyane.
   Atugirira ubuntu
   Twebwe twese abamwumvira.
   Yehova aba yifuza
   Ko twagendana na we.
   Bityo tumwiyegurire
   Kandi tugendane na we.

2. Satani araturwanya
   Muri iyi minsi ya nyuma.
   Duhura n'ibitotezo
   Byadutandukanya n'Imana.
   Twe tuzarindwa n'Imana.
   Twifuza kuyegera
   Ngo tujye tuyikorera,
   Kandi tuyikunde cyane.

3. Yehova aradufasha
   Binyuze ku mwuka we wera.
   Akoresha n'itorero,
   Yumva n'amasengesho yacu.
   Tujye tugendana na we,
   Tunakore ibyiza.
   Tuzaba indahemuka,
   Kandi twicishe bugufi.

(Reba nanone Intang 5:24; 6:9; 1 Abami 2:3, 4.)

49 *Dushimishe umutima wa Yehova*

(Imigani 27:11)

1. Yehova tuzakumvira
   Dukore ibyo ushaka,
   Bityo umutima wawe
   Tuwushimishe iteka.

2. Umugaragu wizerwa
   Avuga ikuzo ryawe.
   Atugaburira neza,
   Maze akadukomeza.

3. Uduhe umwuka wawe
   Dukomeze gushikama,
   Bityo umutima wawe
   Tuwushimishe iteka.

(Reba nanone Mat 24:45-47; Luka 11:13; 22:42.)

50 *Isengesho ryanjye ryo kwiyegurira Imana*

(Matayo 22:37)

1. Yehova ndagukunda,
   Nkunda ukuri kwawe.
   Nzajya nkuririmbira
   Iteka ryose Mwami.

2. Yehova ndakwinginze
   Emera ngukorere.
   Nguhaye byose Mana,
   Nta cyo nakwima Mwami.

3. Yehova nyemerera
   Njye ngukorera rwose.
   Nifuza buri gihe
   Kugushimisha Mwami.

(Reba nanone Zab 40:8; Yoh 8:29; 2 Kor 10:5.)

51 *Twiyeguriye Imana!*

(Matayo 16:24)

1. Yehova yatuyoboye kuri Kristo
   Ngo tumubere abigishwa.
   Umucyo wa Yehova
   Waratumurikiye
   Tugira ukwizera,
   Turamwiyegurira.

(*INYIKIRIZO*)

Twiyeguriye Yehova tubikunze.
We na Kristo turabishimira.

2. Twasenze Yehova tumusezeranya
   Ko tuzamwumvira iteka.
   Duterwa ibyishimo
   No kuba twitirirwa
   Izina rya Yehova,
   Turitangaza hose.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 43:3; 107:22; Yoh 6:44.)

52 *Kwitanga kwa gikristo*

(Abaheburayo 10:7, 9)

1. Yehova ni we waremye
   Isanzure ryose,
   Iyi si n'ijuru byose,
   Ni ibikorwa bye.
   Yaduhaye ubuzima,
   Tugomba kumenya
   Ko akwiriye gusingizwa
   No gusengwa wenyine.

2. Na Yesu yabatirijwe
   Muri Yorodani
   Asezeranya Yehova
   Kuzamukorera.
   Amaze kuva mu mazi
   Yasutsweh' umwuka,
   Yiyemeza amaramaje
   Gukorera Yehova.

3. Dore turaje Yehova,
   Ngo tugusingize.
   Twiyange maze tuguhe
   Ubuzima bwacu.
   Watanze Umwana wawe
   Ngo atwitangire.
   Twapfa twabaho, Mana yacu,
   Twarakwiyeguriye.

(Reba nanone Mat 16:24; Mar 8:34; Luka 9:23.)

53 *Kwitegura umurimo wo kubwiriza*

(Yeremiya 1:17)

1. Bwakeye.
   Twiteguye,
   Tugiye kubwiriza.
   Harasa nabi,
   Imvura ni yose.
   Uwakwigumira mu rugo
   Aryamye.

(*INYIKIRIZO*)

Icyizere no kwitegura,
Ndetse no gusenga
Biduha imbaraga zose
Dukeneye.
Tujyana n'abamarayika,
Batumwe na Yesu
Kandi hari n'abavandimwe
Dufatanya.

2. Turangwe
N’ibyishimo
Twirinde gucogora.
Yehova yita
Ku mihati yacu
No ku rukundo tumukunda
Rwimbitse.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Umubw 11:4; Mat 10:5, 7; Luka 10:1; Tito 2:14.)

54 *“Iyi ni yo nzira”*

(Yesaya 30:20, 21)

1. Hariho inzira
   Imwe y’amahoro.
   Inzira y’ukuri
   Ni yo twigishijwe.
   Kristo Yesu ni we
   Wayitwigishije,
   Kandi tuyisanga muri Bibiliya.

(*INYIKIRIZO*)

Ni yo nzira ijya ku buzima.
Nturangare ngo udateshuka.
Yah atwereka iyo nzira,
Ni yo nzira wireba inyuma.

2. Hariho inzira
   Imwe y’urukundo.
   Twayeretswe na Yah
   Turanamumenya.
   Urukundo rwa Yah
   Rurangwa n’ubwuzu.
   Iyi ni yo nzira
   Y’urukundo nyarwo.

(*Inyikirizo*)

3. Hariho inzira
Imwe y'ubuzima.
Ni yo nzira nziza,
Twasezeranyijwe,
Ni yo y'amahoro,
Ni yo y'urukundo,
Ni yo y'ubuzima,
Shimira Yehova.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 32:8; 139:24; Imig 6:23.)

55 *Ntimukabatinye!*

(Matayo 10:28)

1. Bwoko bwanjye mujye mbere,
   Mutangaze Ubwami.
   Ntimutinye abanzi.
   Mumenyeshe abantu
   Ko Umwana wanjye Yesu
   Yanesheje Umwanzi,
   Ko azaboha Satani,
   Abohore imbohe.

(*INYIKIRIZO*)

Ntimubatinye na gato,
Nubwo babatoteza.
Nimwizerwa nzabarinda
Nk'imboni yo mu jisho.

2. Nubwo abantu babanga
   Kandi bakabarwanya,
   Cyangwa bakabashuka,
   Ngo babigarurire,
   Bwoko bwanjye mwe gutinya
   Ibitotezo byabo.
   Abizerwa nzabarinda
   Kugeza ku mperuka.

(*Inyikirizo*)

3. Sinabibagiwe rwose;
   Ndacyari kumwe namwe.
   Kandi nubwo mwazapfa,
   Urupfu ruzavaho.
   Rwose ntimukabatinye,
   Ntibazabarimbura.
   Nimukomeza kwizerwa;
   Nzabaha imigisha!

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Guteg 32:10; Neh 4:14; Zab 59:1; 83:2, 3.)

56 *Ukuri kugire ukwawe*

(Imigani 3:1, 2)

1. Nyura mu nzira y'ukuri n'ubuzima;
   Nta wundi wabigukorera.
   Ujye wumvira inama za Yehova
   Wizere ibyo avuga.

(*INYIKIRIZO*)

Kunda ukuri,
Ukugire ukwawe.
Bizaguhesha
Umunezero
Utangwa na Yehova.

2. Umwete wawe n'igihe ukoresha
   Ukorera Yah n'Ubwami bwe
   Bizaguhesha ubuzima bw'iteka,
   Burangwa n'umunezero.

(*Inyikirizo*)

3. Ku Mana turi nk'abana bato cyane,
   Twifuza ko ituyobora.
   Nitugendana na Yehova Imana,
   Azaduha imigisha.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 26:3; Imig 8:35; 15:31; Yoh 8:31, 32.)

57 *Tubwirize abantu b'ingeri zose*

(1 Timoteyo 2:4)

1. Twe twifuza kwigana Yehova
   Ntiturobanure ku butoni.
   Yifuza ko bose barokoka,
   Kuko yakira abamugana.

(*INYIKIRIZO*)

Ntarobanura na mba;
Areba mu mutima.
Twe tubwiriza abantu bose.
Kuko twita ku bantu
Turababwira tuti
"Namwe mwaba incuti z'Imana."

2. Icy'ingenzi si ahantu bari
   Cyangwa isura baba bafite,
   Ahubwo ni umutima wabo;
   Ni wo Yehova yitaho cyane.

(*Inyikirizo*)

3. Yehova yita ku bamugana
   Bagatera isi umugongo.
   Twifuza ko bose babimenya.
   Ni yo mpamvu tubwiriza bose.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Yoh 12:32; Ibyak 10:34; 1 Tim 4:10; Tito 2:11.)

58 *Dushakishe abakunda amahoro*

(Luka 10:6)

1. Yesu yadusabye kubwiriza.
   Yatangaje ubutumwa
   Ndetse no ku zuba ryinshi.
   Yabwirizaga abantu bose.
   Yabwirizaga hose
   Umunsi ukira.
   Natwe tubwiriza bose,
   Mu nzira no ku nzu n'inzu
   Tuvuga ko turi hafi gukizwa.

(*INYIKIRIZO*)

Dushakishe
Abikundira amahoro.
Dushakishe
Abakeneye agakiza.
Twifuza ko bose bumva.

2. Dusigaranye igihe gito.
Turitanga kugira ngo
Hagire abarokoka.
Urukundo ni na rwo rutuma
Dufasha abarushye
N'abihebye bose.
Tujya mu migi n'ahandi;
Iyo bemeye ukuri,
Turishima tukagira umwete.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Yes 52:7; Mat 28:19, 20; Luka 8:1; Rom 10:10.)

59 *Dusingize Yehova*

(Zaburi 146:2)

1. Dusingize Yah Yehova
   Kuko aduha impano nziza.
   Dusingize Yah iteka.
   Tubwire bose urukundo rwe.
   Dutangaze izina rye ryera.

2. Dusingize Yah Yehova,
   Kuko atwumva iyo dusenze.
   Atwitaho muri byose,
   Agakomeza ab'intege nke,
   Akanaduha umwuka wera.

3. Dusingize Yah Yehova,
   Ni we ukwiriye kwiringirwa.
   Aruhura imitima.
   Azaha abantu imigisha.
   Twese tumusingize twishimye!

(Reba nanone Zab 94:18, 19; 145:21; 147:1; 150:2; Ibyak 17:25.)

60 *Nibumvira bazakizwa*

(Ezekiyeli 3:17-19)

1. Iki ni cyo gihe
   Cyo kwemerwa n'Imana.
   Umunsi w'uburakari
   Bwayo uraje.

(*INYIKIRIZO*)

Tubwirize, tuzikiza
Dukize n'abatwumva.
Nibumvira bazakizwa.
Tubwire bose ukuri k'Ubwami.

2. Hari ubutumwa
   Tugomba kwamamaza.
   Tubwire bose ngo
   "Mwiyunge na Yehova."

(*Inyikirizo*)

3. Ni ngombwa, ni 'by'ingenzi
   Ko bamenya, bakabaho.
   Nimucyo tubigishe
   Tubamenyeshe ukuri.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone 2 Ngoma 36:15; Yes 61:2; Ezek 33:6; 2 Tes 1:8.)

61 *Mwebwe Bahamya nimujye mbere!*

(Luka 16:16)

1. Abakozi b'Imana biyemeje
   Kwamamaza ubutumwa bwiza bwayo.
   Nubwo Satani abarwanya,
   Bazahatana bahangane na we.

(*INYIKIRIZO*)

Ngaho nimujye mbere mwa Bahamya mwe!
Nimwifatanye mu murimo w'Imana,
Muvuga muti "paradizo iraje,
Tugiye kubona imigisha."

2. Bagaragu b'Imana tube maso,
   Ntidushake kwemerwa n'isi n'abayo.
   Twirinde kwanduzwa n'iyi si,
   Dukomeze kuba indahemuka.

(*Inyikirizo*)

3. Ubwami bwa Yehova burarwanywa,
   Izina ry'Imana riraharabikwa.
   Twe twifatanye mu kuryeza,
   Tunaryamamaze mu bantu bose.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Kuva 9:16; Fili 1:7; 2 Tim 2:3, 4; Yak 1:27.)

62 *Indirimbo nshya*

(Zaburi ya 98)

1. Muririmbire Yehova mumusingiza.
   Mubwire abantu ibyo azakora.
   Mumusingize kuko akomeye cyane.
   Imanza ze zose zirakiranuka.

(*INYIKIRIZO*)

Ririmba! Iyo ndirimbo nshya.
Singiza Yehova Umwami.

2. Murangurure muririmbire Imana;
   Nimuyisingize ku bw'izina ryayo.
   Nimwifatanye n'abandi muyisingize.
   Inanga n'impanda nibirangurure.

(*Inyikirizo*)

3. Ibyo mu nyanja byose nibimusingize.
   Ibyaremwe byose nibimusingize.
   Ubu butaka n'imigezi nibyishime.
   Imisozi yose na yo niririmbe.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 96:1; 149:1; Yes 42:10.)

63 *Turi Abahamya ba Yehova!*

(Yesaya 43:10-12)

1. Abasenga imana
   Z'ibiti n'amabuye,
   Abo ntabwo bazi
   Imana nyayo.
   Izo mana ntizizi
   Iby'igihe kizaza.
   Ntabwo zifite Abahamya,
   Nta bushobozi zifite.

(*INYIKIRIZO*)

Twe turi Abahamya
Ntidutinya kuvuga
Iby'Imana y'ubuhanuzi;
Ubuhanuzi nyabwo.

2. Izina rya Yehova
   Turyamamaze hose.
   Dutangaze hose
   Ubwami bwa Yah!
   Tubwirize abandi
   Ngo bamenye ukuri
   Na bo bazifatanye natwe,
   Bamusingize bishimye.

(*Inyikirizo*)

3. Duhamye izina rye,
   Rye kongera gutukwa.
   Burira ababi,
   Maze bihane.
   Ababarir' abantu
   Bemera kumwumvira,
   Bakazabona ibyishimo,
   N'ubuzima buhoraho.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Yes 37:19; 55:11; Ezek 3:19.)

64 *Dukore umurimo w'isarura*

(Matayo 13:1-23)

1. Turi mu gihe cy'isarura,
Igihe gishimishije.
Dore imirima ireze
Dusarurane umwete.
Yesu yatanze urugero,
Kandi aratuyobora.
Kuba twifatanya mu murimo
Biradushimisha cyane.

2. Gukunda Imana n'abantu
Bizatuma tubwiriza.
Imperuka iregereje,
Kwigisha birihutirwa.
Kuba dukorana n'Imana,
Biratunezeza cyane.
Tuzakomeza uyu murimo
Kugeza tuwurangije.

(Reba nanone muri Mat 24:13; 1 Kor 3:9; 2 Tim 4:2.)

65 *Jya mbere!*

(Abaheburayo 6:1)

1. Jya mbere, jya mbere, maze ukure!
   Wamamaze ubutumwa bwiza bw'Ubwami.
   Haranira kunoza umurimo,
   Uzagera ku ntego.
   Umuntu wese yabwiriza
   Nk'uko Yesu yabwirizaga.
   Usabe Yehova kugukomeza,
   Ushikame mu kuri.

2. Jya mbere, jya mbere, gira ishyaka!
   Geza ubutumwa bwiza ku bantu bose.
   Singiza Yehova Umwami wacu.
   Bwiriza ku nzu n'inzu.
   Nubwo uzarwanywa n'abanzi,
   Ntibazigere bagukanga.
   Bwira abantu ko Ubwami buje
   Bugiye gutegeka.

3. Jya mbere, jya mbere, nta kudohoka,
   Kuko ufite byinshi ugomba gukora.
   Umwuka wera uzakuyobora,
   Ugire ibyishimo.
   Ukunde abo ubwiriza,
   Unabagere ku mutima.
   Ufashe bose gutera imbere,
   Bakorere Imana.

(Reba nanone Fili 1:27; 3:16; Heb 10:39.)

66 *Dutangaze ubutumwa bwiza*

(Ibyahishuwe 14:6, 7)

1. Ukuri k'Ubwami kwari kwarahishwe.
   Ubu uko kuri twe twarakumenye.
   Kubera ko Yah agira imbabazi,
   Yazirikanye imimerere yacu,
   Maze atwohereereza Umwana we.
   Nyuma y'igihe uwo Mwana yarimitswe.
   Yehova yamugeneye umugeni,
   Umukumbi muto w'abatoranyijwe.

2. Ubutumwa bwiza bwaramenyekanye.
   Yehova ashaka ko tubutangaza.
   Abamarayika bifatanya natwe,
   Iyo dutangaza ukuri k'Ubwami.
   Yaduhaye inshingano ihebuje
   Yo kweza izina rye no kumusingiza.
   Twishimira kwitirirwa iryo zina,
   No gutangaza ubwo butumwa bwiza.

(Reba nanone Mar 4:11; Ibyak 5:31; 1 Kor 2:1, 7.)

67 *“Ubwirize Ijambo”*

(2 Timoteyo 4:2)

1. Yehova yaravuze ngo
   Tubwirize ubutumwa bwiza,
   Buri gihe tujye tuvuga,
   Impamvu z’ibyiringiro byacu.

(*INYIKIRIZO*)
Tubwirize
Dufashe bose kumva,
Bwiriza.
Imperuka iraje,
Bwiriza.
Fasha aboroheje,
Bwiriza.
Ntucogore!

2. Tuzahura n’amakuba,
   Tuzasuzugurwa n’abatwanga.
   Bwiriza mu gihe kigoye.
   Jya wiringira Imana yacu.

(*Inyikirizo*)

3. Tubwirize ubutumwa,
   Tubwire abantu ibizaba.
   Dutangaze iby’agakiza
   Ngo tweze izina rya Yehova.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Mat 10:7; 24:14; Ibyak 10:42; 1 Pet 3:15.)

68 *Tubibe imbuto z'Ubwami*

(Matayo 13:4-8)

1. Tuzakorera Databuja
   Umurimo yadushinze.
   Azadufasha, adutoze
   Gukora uwo murimo.
   Abakunda kwiga Bibiliya,
   Bo bazamenya ukuri.
   Dukore uko dushoboye kose
   Turangize uwo murimo.

2. Ibyo wowe uzasarura
   Bizaterwa nawe rwose.
   Ufashe abo ubwiriza,
   Na bo bamenye ukuri.
   Ujye ubafasha guhangana
   N'ingorane z'iki gihe.
   Nibakunda ukuri ubigisha
   Bizagukora ku mutima.

(Reba nanone Mat 13:19-23; 22:37.)

69 *Tubwirize ubutumwa bwiza*

(2 Timoteyo 4:5)

1. Ngaho tubwirize Ubwami
   Muri buri gihugu.
   Nidukunde bagenzi bacu,
   Dufashe abitonda.
   Dukore umurimo wa Yah,
   Dutangaze ijambo rye.
   Dukomeze uwo murimo,
   Dutangaze izina rye.

(*INYIKIRIZO*)

Tubwirize Ijambo
Ry'Imana hirya no hino.
Tujye mbere, tugume
Mu ruhande rwa Yehova.

2. Twebwe Abakristo bizerwa,
   Nitujye mbere twese.
   Abakuze n'abato twese
   Tugendere mu kuri.
   Ubutumwa bwiza bw'Ubwami
   Bose bagomba kubwumva.
   Yehova aradukomeza;
   Ntabwo tugira ubwoba!

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 23:4; Ibyak 4:29, 31; 1 Pet 2:21.)

70 *Dushakishe abakwiriye*

(Matayo 10:11-15)

1. Yesu yatweretse uburyo bwiza
   Bwo gutangaza ukuri:
   Tujye dushakisha abakwiriye
   Bafite inyota y'ukuri.
   Tujye dusuhuza abo dusanze,
   Tubifurize amahoro.
   Niba hari bamwe batwamaganye,
   Tuzahindukire tugende.

2. Yesu yavuze ko utwakiriye
   Azaba amwakiriye.
   Ukwiriye ubuzima bw'iteka,
   Ni we uzifatanya natwe.
   Ntitukibaze ibyo tuzavuga,
   Yehova ari kumwe natwe.
   Nidutanga igisubizo cyiza,
   Tuzafasha abiyoroshya.

(Reba nanone Ibyak 13:48; 16:14; Kolo 4:6.)

71 *Turi ingabo za Yehova!*

(Yoweli 2:7)

1. Twe ngabo za Yehova,
   Twumvira Kristo.
   Nubwo turwanywa cyane,
   Twe twunze ubumwe.
   Dukore umurimo,
   Nta kudohoka.
   Tubwirize bose,
   Tutabatinya.

(*INYIKIRIZO*)

Twe ngabo za Yehova,
Twunze ubumwe.
Tuvuge twishimye
Ko ategeka.

2. Twe abakozi ba Yah,
   Dushakashaka
   Intama zazimiye
   Zirimo ziniha.
   Twamara kuzibona,
   Tukazitaho;
   Tukazitumira
   Mu Nzu y'Ubwami.

(*Inyikirizo*)

3. Twe ngabo za Yehova,
Turashikamye.
Twiteguye kurwana,
Nta bwoba dufite.
Tugire amakenga,
Ntitudohoke.
Mu bihe by'akaga,
Tuzashikama.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Efe 6:11, 14; Fili 1:7; File 2.)

72 *Tumenyekanisha ukuri k'Ubwami*

(Ibyakozwe 20:20, 21)

1. Kera twari twarayobye
Turi mu mwijima mwinshi,
Hanyuma Yah Yehova
Yohereza umucyo we.
Tuzi neza ko ashaka
Ko tumukorera cyane.
Izina ryera rya Yah
Turimenyesha abantu bose.
Tubwiriza ku nzu n'inzu,
Mu mihanda no mu nzira,
Tugafasha abatwumva,
Tukabigisha ukuri.
Twihatira kubwiriza
Ubutumwa bwa Yehova.
Dukore umurimo
Kandi tuzawusohoze neza.

(Reba nanone Yos 9:9; Yes 24:15; Yoh 8:12, 32.)

73 *Duhe gushira amanga*

(Ibyakozwe 4:29)

1. Iyo duhamya Ubwami,
   Tukakuvuganira,
   Hari benshi baturwanya
   Kandi bakadusebya.
   Gusa ntitubatinya,
   Tuzajya tukwiyambaza.
   Tugusabye umwuka wawe;
   Mana, turawugusabye.

(*INYIKIRIZO*)

Duhe gushira amanga;
Ntitugire ubwoba.
Tugusabye ubutwari
Tubabwirize bose.
Imperuka iri hafi.
Mu gihe dutegereje,
Duhe gushira amanga,
Mana yacu.

2. Nubwo twagira ubwoba,
   Ntuzadutererana.
   Tuzi ko uzadufasha,
   Ibyo turabyizeye.
   Mana ujye ureba
   Abadutoteza bose,
   Kandi uduhe imbaraga
   Maze tukuvuganire.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone 1 Tes 2:2; Heb 10:35.)

74 *Turirimbe indirimbo y'Ubwami!*

(Zaburi 98:1)

1. Turirimbe indirimbo y'Ubwami
   Isingiza Umuremyi wacu,
   Idusaba kuba indahemuka.
   Dutumire bose tuvuga ngo

(*INYIKIRIZO*)

"Musingize Yah Yehova.
Umwana we ni Umwami!
Muze mwige indirimbo y'Ubwami,
Musingize izina ry'Imana."

2. Muri iyi ndirimbo nshya y'Ubwami,
   Dutangaza ko Kristo yimitswe;
   Ko havutse irindi shyanga rishya;
   Ritumira bose rivuga ngo

(*Inyikirizo*)

3. Bantu mwese, abicisha bugufi,
   Mushobora kuyimenya neza.
   Hari benshi bamaze kuyimenya,
   Batumira bose bavuga ngo

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 95:6; 1 Pet 2:9, 10; Ibyah 12:10.)

75 *'Ndi hano ntuma'*

(Yesaya 6:8)

1. Ubu abantu batuka
   Izina ryera ry'Imana,
   Ngo nta rukundo igira,
   Bavuga ko itabaho.
   Ni nde wayivuganira?
   Ni nde uzayisingiza?

(*INYIKIRIZO YA 1*)

Mwami, ndi hano untume.
Nzagusingiza iteka.
Ibyo bizampesha ishema.
Mwami, ndi hano ntuma.

2. Bavuga ko Yah atinda.
   Ntabwo bajya bamutinya.
   Basenga ibishushanyo;
   Bakaramya Kayisari.
   Ni nde uzababurira
   Iby'intambara y'Imana?

(*INYIKIRIZO YA 2*)

Mwami, ndi hano untume.
Nzababurira nta bwoba.
Ibyo bizampesha ishema.
Mwami, ndi hano ntuma.

3. Abantu barababaye
Kuko ibibi byogeye.
Bakeneye kubwirizwa
Ngo babone ihumure.
Ni nde wabahumuriza
Ngo na bo bagukorere?

(*INYIKIRIZO YA 3*)

Mwami, ndi hano untume.
Nzabigisha nihanganye.
Ibyo bizampesha ishema.
Mwami, ndi hano ntuma.

(Reba nanone Zab 10:4; Ezek 9:4.)

76 *Wakwiyumva ute?*

(Abaheburayo 13:15)

1. Wakwiyumva ute
   Wagiye mu murimo,
   Nta ko utagize ngo
   Ubwirize bose?
   Wareka Yehova
   Agakora ibindi,
   Ni we uzi abantu
   Bashaka ukuri.

(*INYIKIRIZO*)

Kuvuganira Yehova
Biradushimisha cyane.
Twifuza kumukorera,
Iteka n'iteka.

2. Wakwiyumva ute
   Uramutse ugeze
   Ku mitima y'abantu
   Bifuza gukizwa?
   Nubwo bamwe banga,
   Abandi bagashukwa,
   Ntiducika intege
   Mu murimo wacu.

(*Inyikirizo*)

3. Wakwiyumva ute
Uramutse umenye
Ko Yehova ari we
Ugushyigikiye?
Wagira ishyaka,
Ukabwiriza cyane,
Kuko uyu murimo
Ugiye gusozwa.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Ibyak 13:48; 1 Tes 2:4; 1 Tim 1:11.)

77 *Umucyo umurika mu isi y'umwijima*

(2 Abakorinto 4:6)

1. Iyi si y'abantu babi,
   Iri mu mwijima.
   Ariko ntituri nka bo,
   Twabonye umucyo.

(*INYIKIRIZO*)

Ubutumwa bwiza
Bumurikira bose
Bakaba mu mucyo.
Bava mu mwijima,
Bagasobanukirwa,
Bakishima.

2. Bantu mwe nimukanguke,
   Igihe cyashize.
   Nimwite ku byo tuvuga,
   Maze muzabeho.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Yoh 3:19; 8:12; Rom 13:11, 12; 1 Pet 2:9.)

78 *‘Twigishe ijambo ry’Imana’*

(Ibyakozwe 18:11)

1. Abigisha Bibiliya,
   Turishima cyane.
   Yah aduha imigisha
   Tugakora byinshi.
   Tuzigana Yesu Kristo
   Tubwiriza nka we.
   Abo twigisha tubafasha
   Gukunda Yehova.

2. Iyo twigisha ukuri,
   Dukora n’ibyiza,
   Tuba twereka abantu
   Ko dukunda Data.
   Twiga Ijambo ry’Imana,
   Ngo dufashe bose.
   Iyo tubwiriza abandi
   Tuba twiyigisha.

3. Yehova aduha byose
   Ngo twigishe neza.
   Iyo dusenga Imana,
   Na bwo iratwumva.
   Dukunda Ijambo ryayo
   Kuko ryiringirwa.
   Nidutoza abo twigisha,
   Bazamera nkatwe.

(Reba nanone Zab 119:97; 2 Tim 4:2; Tito 2:7; 1 Yoh 5:14.)

79 *Bafashe gushikama*

(Matayo 28:19, 20)

1. Twigisha abantu ukuri,
   Bakiga bakamenya,
   Yehova akabayobora,
   Kugira ngo bakure.

(*INYIKIRIZO*)

Yehova turagusabye,
Ukomeze kubitaho.
Tubasabiye binyuze kuri Yesu,
Ngo ubahe gushikama.

2. Dusaba ko ubakomeza,
   Mu gihe batotezwa.
   Dufashe tujye tubitaho,
   Bagire ukwizera.

(*Inyikirizo*)

3. Bafashe maze bashikame,
   Bazabe abizerwa,
   Batsinde isiganwa ryabo,
   Bumvira bihanganye.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Luka 6:48; Ibyak 5:42; Fili 4:1.)

80 *“Nimusogongere mwibonere ukuntu Yehova ari mwiza”*

(Zaburi 34:9)

1. Twita ku murimo wacu;
   Twishimira kubwiriza.
   Twicungurira igihe cyiza,
   Ngo tugere kuri benshi.

(*INYIKIRIZO*)

Musogongere mubone ko
Yehova ari mwiza.
Kumukorera ni byiza pe!
Bihesha imigisha.

2. Bakozi b’igihe cyose
   Muhishiwe imigisha.
   Nimwizera Yah Imana yanyu,
   Muzanyurwa muri byose.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Mar 14:8; Luka 21:2; 1 Tim 1:12; 6:6.)

81 *Ubuzima bw'umupayiniya*

(Umubwiriza 11:6)

1. Tuzinduka kare, kare butaracya
N'ibitotsi byinshi
Tugasenga, tukitegura.

Duhura n'abantu benshi mu murimo.
Niyo batatwumva
Ntiducika intege rwose.

(*INYIKIRIZO*)

Ni byo twahisemo;
Twiyeguriye Yah
Tuzakora ibyo ashaka.

Tugira ishyaka
Ndetse no mu mvura.
Tugaragaza ko dukunda Yehova.

2. No ku mugoroba izuba rirenga,
Dutaha twishimye
Tugasenga tunezerewe.

Dutura Yehova ibyiza dufite.
Dushima Yehova
Kuko aduha imigisha.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Yos 24:15; Zab 92:2; Rom 14:8.)

82 *'Mureke umucyo wanyu umurike'*

(Matayo 5:16)

1. Yesu yategetse ko tubwiriza,
   Ngo tumurikire bose babone.
   Ijambo ry'Imana riramurika.
   Nimucyo dutangaze umucyo waryo.

2. Ubutumwa bwiza bw'Ubwami bwa Yah,
   Bubwirizwa hose ngo bose bumve.
   Ibyanditswe ni byo tuzakoresha
   Tubwiriza abantu b'ingeri zose.

3. Ibikorwa byiza biramurika,
   N'amagambo yacu akamurika.
   Gukora ibyiza igihe cyose,
   Bizatuma twemerwa n'Imana yacu.

(Reba nanone Zab 119:130; Mat 5:14, 15, 45; Kolo 4:6.)

83 *“Ku nzu n’inzu”*

(Ibyakozwe 20:20)

1. Tubwirize ku nzu n’inzu,
   Tubwirize bose.
   Buri mugi, buri rugo,
   Intama zigishwe.
   Inkuru nziza y’Ubwami,
   Yesu yavuze ko
   Abasore n’abasaza
   Bazayitangaza.

2. Tubwirize ku nzu n’inzu,
   Tuvuge ukuri.
   Tubwirize abatwumva
   Bambaze Yehova.
   Tubamenyeshe Yehova
   Maze bamwubahe.
   Tubwirize ku nzu n’inzu
   Bamenye Yehova.

3. Tujye kuri buri rugo
   Tubwirize bose.
   Uko babyakira kose
   Ni bo bahitamo.
   Tuzasingiza Yehova,
   Tuvuge ukuri.
   Tubwiriza ku nzu n’inzu,
   Dushaka intama.

(Reba nanone Ibyak 2:21; Rom 10:14.)

84 *Twagure umurimo*

(Matayo 9:37, 38)

1. Yah Yehova adufasha
   Guhitamo umurimo
   Uzatuma tunezerwa
   Mu buzima bwacu bwose.

(*INYIKIRIZO*)

Twitange, dukore
Ibyo ashaka.
Tugende dufashe abandi
Tubyishimiye.

2. Hari byinshi byo gukora:
   Tujya aho dukenewe,
   Tukagura umurimo.
   Twifuza ko bose bumva.

(*Inyikirizo*)

3. Twifatanya mu bwubatsi
   Tukagira ubuhanga,
   Kandi twiga indimi nshya
   Ngo tugere kuri bose.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Yoh 4:35; Ibyak 2:8; Rom 10:14.)

85 *Twakirane*

(Abaroma 15:7)

1. Twakire abaje guterana
   Ngo bumve Ijambo ry'Imana.
   Bemeye gutumirwa n'Imana,
   Ibigisha ukuri ngo bazabeho.

2. Dushimira Imana ku bw'aba
   Bavandimwe batuyobora,
   Kandi turabakunda by'ukuri.
   Duhe ikaze n'abandi baza bose.

3. Yah atumira abantu bose,
   Ngo baze bamenye ukuri.
   Imana yatwireherejeho.
   Nimucyo twakirane tunezerewe.

(Reba nanone Yoh 6:44; Fili 2:29; Ibyah 22:17.)

86 *Tugomba kwigishwa*

(Yesaya 50:4; 54:13)

1. Muze twige ibyerekeye Yehova;
   Twinywere amazi y'ubugingo.
   Imana yacu iratwigisha.
   Ushaka ukuri azigishwa.

2. Tujye twitabira amateraniro
   Kugira ngo twigishwe ibyiza,
   Tuhabonere umwuka wera,
   Dufashwe kugendera mu mucyo.

3. Dukomezwa n'indirimbo turirimba.
   Kuzumva birashimisha cyane!
   Duteranire hamwe n'abandi
   Tube hamwe n'ubwoko bw'Imana.

(Reba nanone Heb 10:24, 25; Ibyah 22:17.)

87 *Nimuze muhumurizwe!*

(Abaheburayo 10:24, 25)

1. Iyi si dutuyemo yarayobye;
   Ntizi inzira z'Imana.
   Dukeneye kuyoborwa n'Imana;
   Twe nta cyo twakwigezaho.

   Duhumurizwa n'amateraniro,
   Tukarushaho kwizera.
   Adufasha guterana inkunga,
   Agatuma twihangana.

   Tuzumvira Yehova muri byose,
   Dukora ibyo ashaka.
   Ibyo twigishwa mu materaniro,
   Biradushimisha cyane.

2. Yehova azi ibyo dukeneye;
   Tujye twumva inama ze.
   Kwihatira guteranira hamwe
   Bigaragaza ubwenge.

   Twigishwa n'abagabo bashoboye,
   Tukagira ukwizera.
   Turi mu muryango w'abavandimwe
   Badushyigikira cyane.

   Uko isi nshya yegereza cyane,
   Twitabire guterana.
   Ayo materaniro atwigisha
   Ubwenge buva ku Mana.

(Reba nanone Zab 37:18; 140:1; Imig 18:1; Efe 5:16; Yak 3:17.)

88 *Menyesha inzira yawe*

(Zaburi 25:4)

1. Mana, dore duteraniye hamwe,
   Twemeye itumira ryawe.
   Ijambo ryawe riratuyobora,
   Ni ryo soko y'ibyo wigisha.

(*INYIKIRIZO*)

Unyigishe kandi unyobore;
Menyesha amategeko yawe,
Ngo ngendere mu nzira y'ukuri,
Nishimire amahame yawe.

2. Mana, ubwenge ufite ni bwinshi;
   Uca imanza zitabera.
   Ijambo ryawe ry'agaciro kenshi,
   Rihoraho iteka ryose.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Kuva 33:13; Zab 1:2; 119:27, 35, 73, 105.)

89 *Tega amatwi, wumvire, uhabwe imigisha*

(Luka 11:28)

1. Tugaragaze ko twumvira Kristo,
   Inyigisho ze zituyobore,
   Tuzimenye kandi tujye twumvira,
   Ni bwo tuzahabwa imigisha.

(*INYIKIRIZO*)

Jya wumvira Imana,
Uhabwe imigisha.
Jya utega amatwi wumvire,
Uhabwe imigisha.

2. Nk'uko inzu yubatswe ku rutare
   Nta cyabasha kuyihungabanya;
   Nitubaho tuyobowe na Kristo,
   Nta kintu kizaduhungabanya.

(*Inyikirizo*)

3. Nk'uko igiti cyo hafi y'amazi
   Cyera imbuto mu gihe cyacyo;
   Nitwumvira Data tudateshuka
   Tuzabaho iteka n'iteka.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Guteg 28:2; Zab 1:3; Imig 10:22; Mat 7:24-27; Luka 6:47-49.)

90 *Tujye duterana inkunga*

(Abaheburayo 10:24, 25)

1. Uko duterana inkunga
   Yo gukorera Yehova,
   Urukundo ruriyongera;
   Hakabaho amahoro.
   Urukundo rwinshi dufite
   Rudufasha kwihangana
   N'itorero ryacu ry'ukuri,
   Riduha umutekano.

2. Dukomezwa n'ijambo ryiza
   Rivuzwe mu gihe cyaryo!
   Tubwirwa amagambo nk'ayo
   N'incuti zacu zizerwa.
   Ni byiza gukorera hamwe
   N'abo duhuje intego!
   Dushaka uko twafashanya
   N'uko twahumurizanya.

3. Uko umunsi wa Yehova
   Urushaho kwegereza,
   Ni ko tugomba kwihatira
   Kujya mu materaniro.
   Dukomeze kunga ubumwe,
   Mu murimo wa Yehova,
   Bityo duterane inkunga
   Ngo tube indahemuka.

(Reba nanone Luka 22:32; Ibyak 14:21, 22; Gal 6:2; 1 Tes 5:14.)

91 *Imirimo yacu irangwa n'urukundo*

(Zaburi 127:1)

1. Dore umunsi mwiza,
   Mana turagushimira.
   Ntitwabona uko tuvuga
   Uko dukunzwe.

   Uduha imigisha,
   Mu murimo waduhaye.
   Tubyemezwa n'iyi nzu nziza
   Tukweguriye.

(*INYIKIRIZO*)

Aha hantu heza twubatse,
Hazatuma usingizwa.
Mana yacu tuzakumvira, tugukunde
Tunagusenge iteka.

2. Abantu twakoranye,
   Batubereye incuti!
   Tuzazirikana iteka
   Ubwo bucuti.

   Twakoranye mu bumwe,
   Bitewe n'umwuka wawe.
   Mana imigisha uduha
   Ntirondoreka!

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 116:1; 147:1; Rom 15:6.)

92 *Ahantu hitirirwa izina ryawe*

(1 Ngoma 29:16)

1. Yehova kubaka iyi nzu
   Byaduhesheje ishema!
   Tuyikweguriye twishimye,
   Bityo uhabwe ikuzo.

   Ibyo dushobora kuguha,
   Bisanzwe ari ibyawe.
   Dutangana umunezero
   Ibintu byose dutunze.

(*INYIKIRIZO*)

Tuguhaye aha hantu,
Ngo uhabwe ikuzo.
Twifuza ko uhemera;
Turahakweguriye.

2. Tuzahora tugusingiza,
   Turi aha hantu hawe.
   Mana, habwa icyubahiro
   N'abiga inzira zawe.

   Aha hantu twakubakiye
   Tuzahora tuhitaho,
   Kuko hazadufasha cyane
   Mu murimo wo kwigisha.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone 1 Abami 8:18, 27; 1 Ngoma 29:11-14; Ibyak 20:24.)

93 *Ha umugisha amateraniro yacu*

(Abaheburayo 10:24, 25)

1. Yehova Mana utwumve,
Uduhe umugisha.
Uduhe umwuka wera
Mu gihe duteranye.

2. Twigishe Ijambo ryawe
Tugusenge mu kuri.
Udutoze kubwiriza
No gukunda abandi.

3. Uduhe kunga ubumwe;
Igihe duteranye.
Ibikorwa byacu byose
Biguheshe ikuzo.

(Reba nanone Zab 22:22; 34:3; Yes 50:4.)

94 *Twishimira Ijambo ry'Imana*

(Abafilipi 2:16)

1. Yehova, twifuza kugushimira
   Ku bw'Ijambo ryawe ryera dufite!
   Mana, Ijambo ryawe riratuyobora.
   Wararidhuhaye ngo ritwigishe.

2. Ibyanditswe Byera biracengera;
   Bigatahura intego dufite.
   Amategeko yawe arakiranuka,
   Anatuyobora mu byo dukora.

3. Yehova, Ijambo ryawe ryanditswe
   N'abahanuzi bawe bari nkatwe.
   Dufashe tukwizere nk'uko utwigisha.
   Yehova twifuza kugushimira.

(Reba nanone Zab 19:9; 119:16, 162; 2 Tim 3:16; Yak 5:17; 2 Pet 1:21.)

95 *Umucyo ugenda urushaho kuba mwinshi*

(Imigani 4:18)

1. Abahanuzi bifuzaga Kristo,
   We byiringiro byacu twese,
   Kandi Mesiya yagombaga kuza
   Akaduhesha agakiza.

   Ubu Mesiya yabaye Umwami,
   Tubifitiye gihamya.
   Kubimenya ni umugisha rwose,
   Byifuzwa n'abamarayika!

   (*INYIKIRIZO*)
   Turushaho kumurikirwa;
   Tuzagendera mu mucyo.
   Ibyo Imana ihishura,
   Tubibona neza rwose.

2. Umugaragu wizerwa twahawe
   Aduha ibyokurya byiza.
   Umucyo w'ukuri wabaye mwinshi,
   Uratumurikira twese.

   Intambwe zacu zirahamye rwose,
   Ntitugenda mu mwijima.
   Dushimira Yah, we soko y'ukuri,
   Tuzagendera mu nzira ye.

   (*Inyikirizo*)

(Reba nanone Rom 8:22; 1 Kor 2:10; 1 Pet 1:12.)

96 *Igitabo cy'Imana ni ubutunzi*

(Imigani 2:1)

1. Hari 'gitabo cy'amapaji menshi,
   Giha abantu ibyiringiro.
   Ibirimo bifite imbaraga;
   Biha ubuzima abapfuye.
   Icyo gitabo cyitwa Bibiliya.
   Cyanditswe gihumetswe n'Imana.
   Cyanditswe n'abakundaga Imana,
   Bayoborwaga n'umwuka wera.

2. Banditse ukuri ku byo yaremye,
   Uko yaremye ijuru n'isi,
   Ikarema n'umuntu atunganye,
   N'ukuntu Paradizo yabuze.
   Banavuze iby'umumarayika
   Warwanyije ubutware bwayo.
   Ibyo byatumye habaho icyaha,
   Ariko Yehova azatsinda.

3. Dufite ibyishimo byinshi cyane,
Yehova yimitse Umwana we.
Tubwiriza ababyifuza bose
Bakamenya ubutumwa bwiza.
Icyo gitabo kirimo inkuru
Zidufasha kumenya Imana,
Kinatanga amahoro nyakuri;
Ubutunzi burimo ni bwinshi.

(Reba nanone 2 Tim 3:16; 2 Pet 1:21.)

97 *Dutungwa n'Ijambo rya Yehova*

(Matayo 4:4)

1. Tubeshwaho na Yehova
   Hamwe n'Ijambo rye.
   Ntitwatungwa n'ibyokurya
   Nta Jambo ry'Imana.
   Riduhesha ibyishimo
   N'imigisha myinshi.

(*INYIKIRIZO*)

Dutungwa n'Ijambo rya Yah
Si 'byokurya gusa.
Ridufasha muri byose
Tukabaho neza.

2. Iryo Jambo rya Yehova
   Ririmo inkuru
   Z'abantu b'indahemuka
   Bumviye Yehova.
   Gusoma inkuru zabo
   Biradukomeza.

(*Inyikirizo*)

3. Kurisoma buri munsi
Birahumuriza.
N'iyo turi mu bibazo
Riratuyobora.
Tujye turisoma kenshi
Turizirikane.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Yos 1:8; Rom 15:4.)

98 *Ibyanditswe byahumetswe n'Imana*

(2 Timoteyo 3:16, 17)

1. Ijambo ry'Imana yacu
   Riratumurikira.
   Gukora ibyo rivuga
   Biduhesha amahoro.

2. Ijambo ry'Imana yacu
   Ritwigisha ibyiza.
   Ni na ryo rituyobora
   Mu murimo wa Yehova.

3. Ijambo ry'Imana yacu
   Rituma tuyimenya.
   Guhora turisuzuma
   Bidufasha gushikama.

(Reba nanone Zab 119:105; Imig 4:13.)

99 *Ibihumbi byinshi by'abavandimwe*

(Ibyahishuwe 7:9, 10)

1. Abavandimwe ni benshi,
   Ibihumbi byinshi,
   Bose barashikamye,
   Ni indahemuka.
   Turi imbaga nini,
   Turi benshi cyane.
   Duturuka hirya no hino
   Tuje gusenga Yah.

2. Abavandimwe ni benshi,
   Babwiriza hose
   "Ubu butumwa bwiza,"
   Ngo bose babwumve.
   Nubwo duhangayika,
   Turahumurizwa
   Ngo dukomeze kwihangana,
   Tubone ituze.

3. Abavandimwe ni benshi,
   Barindwa n'Imana.
   Bibera mu mahoro,
   Barayikorera.
   Turi imbaga nini,
   Ntabwo ducogora.
   Turi abakozi b'Imana,
   Dukorana na yo.

(Reba nanone Yes 52:7; Mat 11:29; Ibyah 7:15.)

100 *Twakira abantu neza*

(Ibyakozwe 17:7)

1. Yehova yakira abantu neza.
   Yita kuri bose; ntarobanura.
   Aha buri wese imvura n'izuba,
   Tukagira umunezero.

   Iyo twita ku bantu boroheje
   Tuba twigana Yehova Imana.
   Yah azatwitura iyo neza yacu;
   Ineza nyakuri tugira.

2. Iyo dufasha ababikeneye,
   Yehova Imana arabibona.
   N'iyo tutabazi tubitaho cyane,
   Tukita ku byo bakeneye.

   Kimwe na Lidiya, turabakira,
   Bakabona amahoro n'ituze.
   Yah azirikana abagaragu be
   Bagira imbabazi nka we.

(Reba nanone Ibyak 16:14, 15; Rom 12:13; 1 Tim 3:2; Heb 13:2; 1 Pet 4:9.)

101 *Dukorane mu bumwe*

(Abefeso 4:3)

1. Ab'isi ntibakundana,
   Twe turakundana cyane.
   Kuba turangwa n'ubumwe
   Biradushimisha.
   Kubana mu bumwe
   Ni byiza cyane.
   Hari byinshi byo gukora
   Tuyobowe na Yehova.
   Nimucyo tujye twumvira,
   Dukorere hamwe.

2. Tujye dusenga mu bumwe
   Tugaragaze ineza,
   Tunasingize Imana,
   Tube mu mahoro.
   Tumererwe neza,
   Twishime cyane.
   Nidukundana by'ukuri
   Tuzagira amahoro,
   Kandi tuzunga ubumwe
   Mu murimo wayo.

(Reba nanone Mika 2:12; Zef 3:9; 1 Kor 1:10.)

102 *'Dufashe abadakomeye'*

(Ibyakozwe 20:35)

1. Dufite intege nke
Z'uburyo bwinshi.
Icyakora Yehova
Aradufasha.
Agira impuhwe,
Akunda abantu.
Natwe tugaragaze
Urwo rukundo.

2. Bamwe baracogora
Ntibashikame,
Ariko twabafasha
Bagakomera.
Abadakomeye
Data abitaho.
Nimucyo tubiteho,
Tunabafashe.

3. Aho guca intege
Ab'intege nke,
Tujye tubakomeza,
Tunabiteho.
Tugire umwete,
Tubashyigikire.
Nitubigenza dutyo,
Bazakomera.

(Reba nanone Yes 35:3, 4; 2 Kor 11:29; Gal 6:2.)

103 *Yehova yaduhaye abungeri*

(Abefeso 4:8)

1. Yah yaduhaye abungeri
   Bita ku mukumbi.
   Baduha urugero rwiza;
   Baratuyobora.

(*INYIKIRIZO*)

Yehova aduha impano,
Abagabo bizerwa,
Bita cyane ku mukumbi we;
Turabakunda cyane.

2. Abo bungeri batwitaho;
   Bayobora neza.
   Bavuga amagambo meza,
   Iyo badufasha.

(*Inyikirizo*)

3. Baduha inama z'ubwenge
   Ngo tudateshuka.
   Tuzajye tuzumvira zose
   Tuzikurikize.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Yes 32:1, 2; Yer 3:15; Yoh 21:15-17; Ibyak 20:28.)

104 *Duhe umwuka wera*

(Luka 11:13)

1. Yehova Mana ibabarira,
   Uruta imitima yacu.
   Mana uduhe umwuka wera
   Woroshye agahinda dufite.

2. Data wa twese twaracumuye
   Tujya kure y'ikuzo ryawe.
   Mana uduhe umwuka wera
   Utuyobore mu byo dukora.

3. Iyo twihebye, duhangayitse
   Utwongerera imbaraga.
   Mana uduhe umwuka wera
   Udukomeze, tugukorere.

(Reba nanone Zab 51:11; Yoh 14:26; Ibyak 9:31.)

105 *'Imana ni urukundo'*

(1 Yohana 4:7, 8)

1. Imana ni urukundo,
   Jya ugendana na yo.
   Dukunde bagenzi bacu,
   Tunakore ibyiza.
   Tuzaba tugaragaje
   Urukundo rwa Kristo.
   Tuzabona ubuzima;
   Ubuzima nyakuri.

2. Kunda ukuri n'Imana,
   Uzakunda n'abandi.
   Yiteguye kudufasha,
   Iduha imbaraga.
   Urukundo ntirutsindwa;
   Rwihanganira byose.
   Tujye dukundana cyane,
   Dukundane by'ukuri.

3. Reka kugira inzika,
   Kandi uyikuremo.
   Niwiringira Imana,
   Izakwigisha rwose.
   Ukunde Imana yawe,
   Unakunde abandi.
   Tujye twereka abandi
   Urukundo nyakuri.

(Reba nanone Mar 12:30, 31; 1 Kor 12:31–13:8; 1 Yoh 3:23.)

106 *Twitoze kugaragaza urukundo*

(1 Abakorinto 13:1-8)

1. Yehova Mana udufashe
   Tugire imico nk'iyawe,
   Urukundo ruze imbere
   Kuko ruruta indi yose.
   Iyo tubuze urukundo
   Nta cyo tuba turi cyo rwose.
   Tugaragaze urukundo
   Mu magambo no mu bikorwa.

2. Urukundo rugira neza,
   Rwita ku bantu nta buryarya.
   Ntabwo rubiba inzangano;
   Rutuma tubabarirana.
   Kuba dufite urukundo
   Ni byo bituma twihangana.
   Niyo twahura n'ibibazo
   Ntituzahwema gukundana.

(Reba nanone Yoh 21:17; 1 Kor 13:13; Gal 6:2.)

107 *Twigane urukundo rw'Imana*

(1 Yohana 4:19)

1. Imana yacu ni yo yadutoje
   Gukunda abandi.
   Ibyo yakoze byose bitwereka
   Urukundo yadukunze.
   Yatanze Yesu ngo apfire bose,
   Tubabarirwe ibyaha dukora.
   Yaradukunze bitagereranywa.
   Iyo Mana iradukunda.

2. Nitugendera mu rukundo rwayo
   Rw'ukuri iteka
   Bizadufasha gukunda abandi,
   Buri gihe, muri byose.
   Dukunde Data, dukunde n'abandi
   Kuko iteka birajyanirana.
   Bizadufasha kubabarirana,
   Kuko turi abavandimwe.

3. Twunze ubumwe kuko dukundana
   Tukaba n'incuti.
   Yehova ni we udusaba twese
   Kutagira umwiryane.
   Muze murebe urukundo rwacu,
   Twigishwa na Yah n'Ijambo rye ryera.
   Abavandimwe na bo batwibutsa
   Urukundo rw'Imana yacu.

(Reba nanone Rom 12:10; Efe 4:3; 2 Pet 1:7.)

108 *Urukundo rudahemuka rw'Imana yacu*

(Yesaya 55:1-3)

1. Yehova ufite
   Urukundo ruhebuje,
   Ni rwo rwatumye uduha
   Umwana wawe w'imfura
   Kugira ngo tuzabone
   Ubuzima buhoraho.

(*INYIKIRIZO*)

Abafite inyota
Nimuze mwese munywe
Amazi y'ubugingo,
Atangwa n'Imana.

2. Yehova ufite
   Urukundo ruhebuje.
   Warutugaragarije
   Uha Yesu gutegeka.
   Ubu ni we Mwami wacu,
   Ubwami bwe buhoraho.

(*Inyikirizo*)

3. Yehova dufashe
Natwe tujye dukundana,
Twigishe bose ukuri
Maze na bo bakumvire.
Tubwirize nta gutinya,
Duhumurize abantu.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 33:5; 57:10; Efe 1:7.)

109 *Dukundane tubikuye ku mutima*

(1 Petero 1:22)

1. Iyo dukundana cyane,
   Tunezeza Umuremyi.
   Yah arangwa n'urukundo
   Reka tumwigane.
   Tujye twereka abantu
   Urukundo nyarukundo.
   Tujye dukunda abandi
   Urukundo nyarwo.

   Niba hari ukennye,
   Tujye tumufasha twishimye.
   Tujye twita ku bandi,
   Tubatege amatwi.

   Yesu ni we watweretse
   Urukundo rwa Yehova.
   Natwe turugaragaze.
   Urukundo nyakuri
   Ruhore ruturanga.

(Reba nanone 1 Pet 2:17; 3:8; 4:8; 1 Yoh 3:11.)

110 *“Ibyishimo bituruka kuri Yehova”*

(Nehemiya 8:10)

1. Ubutumwa bwiza burabwirizwa;
   Ni kimwe mu bimenyetso.
   Agakiza kacu karegereje;
   Gucungurwa biri hafi!

(*INYIKIRIZO*)

Yehova ni we gihome cyacu,
Turangurure twishimye.
Twishime dufite ibyiringiro,
Twese dusingize Imana.
Yehova ni we gihome cyacu.
Abantu nibamumenye.
Gukomeza gukorera Imana,
Bizaduhesha ibyishimo.

2. Twebwe twese abakunda Yehova
   Ntitugomba guceceka.
   Duhanike amajwi yacu cyane;
   Turirimbire Yehova!

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone 1 Ngoma 16:27; Zab 112:4; Luka 21:28; Yoh 8:32.)

111 *Impamvu zituma tugira ibyishimo*

(Matayo 5:12)

1. Hari ibintu byinshi cyane
   Bidutera ibyishimo:
   Abakunda Yehova bose
   Bagana umuryango we.
   Dufite ibyishimo byinshi
   Duheshwa na Bibiliya.
   Ubumenyi tuyivanamo,
   Buduhesha ukwizera.
   Impamvu zituma twishima,
   Ziri mu mutima wacu.
   Nubwo duhura n'ibibazo,
   Yah atuma twihangana.

(*INYIKIRIZO*)

Yah ni we byishimo byacu,
Akora ibintu byinshi.
Imirimo ye irakomeye,
Agira ubuntu bwinshi!

2. Twishimira ibyo yaremye:
  Ijuru, inyanja n'isi;
Kandi mu byo yaremye byose,
  Tubona imbaraga ze.
Tubihamya twishimye cyane,
  Dutangaza Ubwami bwe.
Tuvuga imigisha yabwo,
  Tuyamamaza twishimye.
Ibyishimo by'iteka ryose
  Bituri bugufi cyane.
Muri rya juru na ya si nshya,
  Tuzagira ibyishimo.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Guteg 16:15; Yes 12:6; Yoh 15:11.)

112 *Yehova ni Imana y'amahoro*

(Abafilipi 4:9)

1. Mana y'amahoro,
   Irangwa n'urukundo,
   Uduhe umwuka wera,
   Twere imbuto zawo.
   Waduhaye Yesu;
   Ni we utuyobora
   Tukaba incuti zawe,
   Tukaba mu mahoro.

2. Ibyanditswe byera
   Ni byo bituyobora
   Tukabona urumuri
   Mu mwijima w'iyi si.
   Duhe umugisha
   Mu byo dukora byose
   Kugeza igihe twese
   Tuzaba mu mahoro.

3. Abagukorera
   Warabakoranyije,
   Utuma bunga ubumwe,
   Batangaza Ubwami.
   Umwami wimitse
   Azaca intambara,
   Tubeho iteka ryose
   Dufite amahoro.

(Reba nanone Zab 4:8; Fili 4:6, 7; 1 Tes 5:23.)

113 *Dufite amahoro*

(Yohana 14:27)

1. Musingize Yehova,
Imana yacu.
Akunda amahoro
Yanga ibibi.
Na Kristo Umwana we
Arayakunda.
Natsinda intambara
Tuzanezerwa.

2. Ntabwo tukirakara
Nta n'intonganya.
Amacumu n'inkota
Twarabiretse.
Dushake amahoro,
Tubabarira.
Tubane amahoro,
Twigana Yesu.

3. Dufite amahoro
Ava ku Mana.
Amategeko yayo
Turayumvira.
Dukunde amahoro
Tuyishimire,
Kugeza amahoro
Aganje hose.

(Reba nanone Zab 46:9; Yes 2:4; Yak 3:17, 18.)

114 *“Mukomeze kwihangana”*

(Yakobo 5:8)

1. Izina rya Yehova
   Ni iry’agaciro kenshi.
   Yehova yifuza ko
   Ryavanwaho igitutsi.
   Yagiye yihangana
   Igihe kirekire;
   Ntiyarambiwe rwose,
   Yarategereje.
   Ashaka ko abantu
   Babona agakiza ke.
   Kuba yarihanganye,
   Ntibyabaye imfabusa.

2. Kwihangana ni ngombwa
   Ngo Imana itwemere.
   Bidufasha gutuza,
   Biturinda kurakara.
   Twihanganira bose,
   Dufite icyizere.
   Ntabwo duhangayika
   Ngo duhungabane.
   Kimwe n’imico yose
   Dukesha umwuka wera,
   Kwihangana bituma
   Twigana Imana yacu.

(Reba nanone Kuva 34:14; Yes 40:28; 1 Kor 13:4, 7; 1 Tim 2:4.)

115 *Dushimire Imana kwihangana kwayo*

(2 Petero 3:15)

1. Yehova Mana ikomeye,
   Urakiranuka rwose.
   Nubwo ibibi byogeye
   Si wowe ubiduteza.
   Nubwo benshi bashidikanya
   Ntuzatinda kubivanaho.

(*INYIKIRIZO*)

Ibyo turabyiringiye,
Kandi turabigushimira.

2. Imyaka igihumbi yose
   Ni nk'umunsi umwe gusa.
   Twegereje imperuka
   Ntizatinda, iri hafi.
   Wifuza ko abanyabyaha
   Bihana bakava mu bibi.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Neh 9:30; Luka 15:7; 2 Pet 3:8, 9.)

116 *Umuco wo kugira neza*

(Abefeso 4:32)

1. Turagushimira Mana yacu
   Rwose twamenye ko
   Urangwa n'ubwenge n'imbaraga,
   Kandi ukagira neza.

2. Kristo asaba abababaye
   Kudahangayika.
   Umutwaro we nturemereye,
   Kuko agwa neza cyane.

3. Tuzigana Imana na Kristo
   Tunabashimishe.
   Tuzihatira kugira neza
   Dufasha bagenzi bacu.

(Reba nanone Mika 6:8; Mat 11:28-30; Kolo 3:12; 1 Pet 2:3.)

117 *Umuco wo kugira neza*

(2 Ibyo ku Ngoma 6:41)

1. Yah Yehova, Mana yacu
   Uduha imigisha.
   Ni wowe udahemuka,
   Mu byo ukora byose.
   Imbabazi zawe nyinshi,
   Ntabwo zigereranywa.
   Tuzahora tugusenga
   Kandi tugukorere.

2. Yehova waduhisemo
   Ngo tujye tukwigana
   Mu bikorwa byacu byose
   N'igihe tubwiriza.
   Inyigisho zawe Mana
   Ziradufasha twese.
   Uduhe umwuka wera
   Ujye utuyobora.

3. Tujye tugirira neza
   Abavandimwe bacu,
   Tubahoze ku mutima
   Tunabiteho cyane.
   Mu miryango yacu yose
   Ndetse n'aho dutuye,
   Mana ujye udufasha
   Maze tugire neza.

(Reba nanone Zab 103:10; Mar 10:18; Gal 5:22; Efe 5:9.)

118 *"Twongerere ukwizera"*

(Luka 17:5)

1. Mana, kubera ko tudatunganye,
   Twese tubogamira ku bibi.
   Icyaha kitubera umutego
   Ngo tutakwizera Mana nzima.

(*INYIKIRIZO*)

Twongerere kwizera Mana yacu.
Ujye udufasha muri byose.
Twongerere kwizera dukeneye
Tubashe kuguhesha ikuzo.

2. Nta wagushimisha atakwizera.
   Kwizera guhesha imigisha.
   Kwizera kutubera ubwugamo;
   Ntidutinya ibiri imbere.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Intang 8:21; Heb 11:6; 12:1.)

119 *Tugomba kugira ukwizera*

(Abaheburayo 10:38, 39)

1. Yah yavuganye n'abantu kenshi
   Binyuze ku bahanuzi.
   Ubu atuvugisha binyuze
   Ku Mwana we wizerwa.

(*INYIKIRIZO*)

Twe dufite ukwizera.
Kwizera ni ngombwa cyane.
Ukwizera gukomeye
Kuzarinda ubugingo bwacu.

2. Dushimishwa no kumvira Yesu,
   Tugatangaza Ubwami.
   Tubwiriza dushize amanga;
   Ntiduhisha ukuri.

(*Inyikirizo*)

3. Ukwizera kwacu kurahamye;
   Ntidusubira inyuma.
   Twiringira Yehova Imana
   Kandi azadukiza.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Rom 10:10; Efe 3:12; Heb 11:6; 1 Yoh 5:4.)

120 *Tujye twiyoroshya nka Kristo*

(Matayo 11:28-30)

1. Yesu Kristo arakomeye cyane;
   Ni we w'ingenzi mu mugambi wa Yah;
   Nyamara ntiyigize umwibone,
   Ahubwo yakomeje kwiyoroshya.

2. Mwe mufite ibibaremereye,
   Yesu yiteguye kubaruhura.
   Azabasubizamo imbaraga,
   Kuko yita ku bantu biyoroshya.

3. Yavuze ko 'turi abavandimwe.'
   Tujye twicisha bugufi twumvire.
   Imana ikunda abagwaneza;
   Bazaragwa isi iteka ryose.

(Reba nanone Imig 3:34; Mat 5:5; 23:8; Rom 12:16.)

121 Duhe umuco wo kumenya kwifata

(Abaroma 7:14-25)

1. Mwami Yehova turagukunda;
   Ariko duhora dutandukira.
   Duhe umuco wo kwifata,
   Bityo kamere tuyiganze.

2. Twese duhora tugeragezwa,
   Icyaha gihora kitwugarije.
   Mana uduhe imbaraga,
   Bityo tubashe kugitsinda.

3. Ibyo dukora n'ibyo tuvuga,
   Bihore bishimwa mu maso yawe.
   Tube abantu b'indakemwa,
   Tujye twifata muri byose.

(Reba nanone 1 Kor 9:25; Gal 5:23; 2 Pet 1:6.)

122 *Dushikame tutanyeganyega!*

(1 Abakorinto 15:58)

1. Amahanga arahangayitse,
   Atewe ubwoba n'ibizaba.
   Twe tugomba gushikama cyane
   Mu murimo w'Imana.

(*INYIKIRIZO*)

Tugomba gushikama,
Tukirinda iyi si.
Nitudacogora, Yah azatwitura.

2. Iyi si yuzuye imitego.
   Tugomba gutekereza neza,
   Tukanga ibintu bibi byose,
   Ni bwo tuzashikama.

(*Inyikirizo*)

3. Senga Yehova umwiringiye,
   Ukore umurimo w'Umwami,
   Ubwirize ubutumwa bwiza,
   Imperuka iraje.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Luka 21:9; 1 Pet 4:7.)

123 *Tugandukire gahunda yashyizweho n'Imana*

(1 Abakorinto 14:33)

1. Abazi Yehova baratangaza
   Ukuri k'Ubwami bwe bukomeye,
   Bakagandukira na gahunda ye
   Kandi bakomeza kunga ubumwe.

(*INYIKIRIZO*)

Tugandukira Imana yacu,
Nk'uko tubisabwa.
Iraturinda, iradukunda,
Natwe tukayumvira.

2. Igisonga hamwe n'umwuka wera
   Bizatuyobora igihe cyose.
   Twese twiyemeze kutadohoka
   Tumenyeshe bose Imana yacu!

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Luka 12:42; Heb 13:7, 17.)

124 *Turi indahemuka*

(Zaburi 18:25)

1. Twebwe turi abizerwa,
Turi indahemuka.
Tuzumvira Yah Yehova,
Uwo twiyeguriye.
Inama zose aduha
Duhore tuzumvira.
Arizerwa cyane rwose,
Tuzagumana na we.

2. Tujye tuba abizerwa
Twite ku bavandimwe.
Tubafashe buri gihe,
Tubagirire neza.
Tujye tububaha cyane
Bivuye ku mutima.
Tujye tuba hafi yabo
Twunge ubumwe na bo.

3. Tujye tuba abizerwa
Twumvire abasaza.
Tuzahora tububaha
Tunabagandukire.
Tuzabona imigisha
Ituruka ku Mana.
Nitwumvira Yah Yehova
Tuzaba abantu be.

(Reba nanone Zab 149:1; 1 Tim 2:8; Heb 13:17.)

125 *“Hahirwa abanyambabazi”*

(Matayo 5:7)

1. Yah agira imbabazi
   Abikuye ku mutima.
   Adukorera ibyiza,
   Aduha ibikenewe.
   Abantu bose bihana
   Yah arababababarira.
   Azi intege nke zacu
   Ni yo mpamvu atwitaho.

2. Iyo twakoze icyaha
   Tumusaba imbabazi.
   Nk’uko Yesu yabivuze,
   Dusenga tuvuga tuti
   “Mana utubabarire
   Natwe turababarira.”
   Nitutabika inzika,
   Tuzagira amahoro.

3. Iyo tugize impuhwe
   Bituma twiga gutanga,
   Tutiteze gushimirwa
   Ineza yose tugize.
   Imana ibona byose
   Ni yo izadushimira.
   Nitugira imbabazi
   Tuzemerwa na Yehova.

(Reba nanone Mat 6:2-4, 12-14.)

126 *Tube maso kandi dushikame*

(1 Abakorinto 16:13)

1. Tube maso dukomere,
Twihanganire byose.
Tube abagabo nyabo,
Tuzatsinda nta shiti.
Twumvira Kristo muri byose,
Kandi turamushyigikira.

(*INYIKIRIZO*)

Duhagarare dushikamye,
Tugeze ku mperuka!

2. Dukomeze kuba maso;
Twumvire Yesu Kristo.
Umugaragu wizerwa
Na we tuzamwumvira.
Tujye twumvira abasaza,
Bita ku mukumbi wa Kristo.

(*Inyikirizo*)

3. Dukomeze kuba maso
Mu gihe tubwiriza.
Tuzahora tubwiriza
Nubwo bazaturwanya.
Dusingize Imana yacu.
Umunsi wayo uri hafi!

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Mat 24:13; Heb 13:7, 17; 1 Pet 5:8.)

127 *Uwo ngomba kuba we*

(2 Petero 3:11)

1. Uwera Yehova, ndagushimira
   Iyi mpano nziza yo kuba turiho.
   Ijambo ryawe ni ryo nireberamo;
   Ujye umfasha kwireba ntibereye.

   Ngusezeranyije kugukorera
   Uko bikwiriye; ntabwo nzadohoka.
   Mana, jye nzagukorera nishimye,
   Kuko nifuza kugushimisha.

   Mfasha kwisuzuma, mfasha kumenya
   Umuntu wifuza ko naba we koko.
   Abo wemera bose uzabitaho;
   Nifuza kwibera mu bo wishimira.

(Reba nanone Zab 18:25; 116:12; Imig 11:20.)

128 *Tujye twihangana kugeza ku mperuka*

(Matayo 24:13)

1. Ibyo Yah asezeranya
   Biradukomeza.
   Ibintu byose wamenye
   Bifite ishingiro.

   Jya uzirikana cyane
   Umunsi wa Yehova.
   Ntuzatezuke na rimwe,
   Nubwo wageragezwa.

2. Rinda urukundo rwawe,
   Ntutume rukonja.
   N'igihe ugeragejwe,
   Jya wihangana cyane.

   Uko bizagenda kose,
   Ntukagire ubwoba.
   Yehova azakurinda,
   Ntazagutererana.

3. Ukomeza kwihangana
Ni we uzakizwa.
Azandikwa mu gitabo
Ubudasibangana.

Iyemeze gushikama;
Komeza kwihangana.
Uzemerwa na Yehova,
Kandi uzanezerwa.

(Reba nanone Heb 6:19; Yak 1:4; 2 Pet 3:12; Ibyah 2:4.)

129 *Tuzakomeza kwihangana*

(Matayo 24:13)

1. Twakora iki
   Turi mu bigeragezo?
   Twaba nka Yesu
   Warangwaga n'icyizere.
   Nanone yizeye
   Amasezerano.

(*INYIKIRIZO*)

Nitwihangana cyane
Kandi tukizera,
Urukundo rw'Imana
Ruzatuma dushikama rwose.

2. Nubwo duhora
   Twibasirwa n'ibibazo,
   Tuzakomeza
   Kugira ibyiringiro.
   Shikama uzabe
   Muri paradizo.

(*Inyikirizo*)

3. Ntiducogora
   Kandi nta nubwo dutinya.
   Ntituzigera
   Duhemukira Yehova.
   Komera, shikama
   Uzakizwa vuba.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Ibyak 20:19, 20; Yak 1:12; 1 Pet 4:12-14.)

130 *Tujye tubabarira abandi*

(Zaburi 86:5)

1. Yehova yatanze
Incungu y'Umwana we,
Bityo ngo tubabarirwe,
N'urupfu ruvanweho.
Iyo twihannye by'ukuri,
Aratubabarira.
Izo mbabazi duhabwa,
Tuzikesha incungu.

2. Tuzababarirwa
Nitwigana Imana
Tubabarira abandi
Kandi tukabitaho.
Kwihanganira abandi,
Biradufasha cyane.
Twubahe abavandimwe,
Tunabakunde cyane.

3. Kubabarirana
Tuzajye tubyitoza.
Bizaturinda inzika,
Cyangwa kwanga abandi.
Tujye twigana Yehova,
We wadukunze cyane,
Tubabarire abandi;
Dushimishe Imana.

(Reba nanone Mat 6:12; Efe 4:32; Kolo 3:13.)

131 *“Icyo Imana yateranyirije hamwe”*

(Matayo 19:5, 6)

1. Mwe bageni bacu,
   Ubu muri umwe.
   Mwiyemeje kubana
   Mwisunze Imana.

(*INYIKIRIZO YA 1*)

Mugabo uzakunde
Umugore wawe.
Abahujwe n’Imana
Ntimukabatanye.

2. Mwumviye Imana
   Mwiga Bibiliya,
   None ubu mushaka
   Imigisha yayo.

(*INYIKIRIZO YA 2*)

Mugore uzakunde
Umugabo wawe.
Abahujwe n’Imana
Ntimukabatanye.

(Reba nanone Itang 2:24; Umubw 4:12; Efe 5:22-33.)

132 *Ubu tubaye umwe*

(Intangiriro 2:23, 24)

1. Iri ni ryo gufwa ryanjye
Ubu twembi tubaye umwe.
Yah yampaye umufasha,
Ubaye uwanjye.

Twiteguye imigisha
Ituruka ku Mana yacu.
Mu muryango wacu twembi
Tuzunga ubumwe.

Yehova, tuzagukorera.
Tuzakomeza
Gukundana by'ukuri.

Dukomere ku muhigo
Twaguhigiye Mana yacu.
Yehova tuzagukunda,
Natwe dukundane cyane.

(Reba nanone Intang 29:18; Umubw 4:9, 10; 1 Kor 13:8.)

133 *Dukorere Yehova mu busore bwacu*

(Umubwiriza 12:1)

1. Twebwe twese abakiri bato
   Tujye twumvira Imana yacu.
   Iradukunda, ikatwitaho,
   Ikaduha n'imigisha myinshi.

2. Babyeyi dukunda, mutwitaho.
   Mudufasha gukora ibyiza
   Tugashimwa n'Imana n'abantu,
   Tukaba incuti za Yehova.

3. Rubyiruko twibuke Yehova
   Tumuture ibyiza dufite,
   Turusheho kumukunda cyane,
   Tuzashimishe umutima we.

(Reba nanone Zab 71:17; Amag 3:27; Efe 6:1-3.)

134 *Umurage Imana yahaye ababyeyi*

(Zaburi 127:3-5)

1. Umugabo n'umugore,
   Iyo bombi babyaye umwana,
   Bamwitaho bafatanyije;
   Bibuka ko iyo mpano
   Yaturutse kuri Yehova,
   We Soko y'ubuzima nyakuri.
   Anayobora ababyeyi
   Akabigisha inzira ze.

(*INYIKIRIZO*)

Yabahaye umwana mwiza,
Umurage w'agaciro.
Mumwiteho igihe cyose,
Mumwigisha Ibyanditswe.

2. Amategeko y'Imana
   Muyahoze ku mutima wanyu.
   Muyigishe abana banyu;
   Uwo murage mwahawe.
   Mujye muyavuga mugenda,
   Muryamye cyangwa muhagurutse,
   Wenda bazayazirikana,
   Bizabaheshe imigisha.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Guteg 6:6, 7; Efe 6:4; 1 Tim 4:16.)

135 *“Mwana wanjye, gira ubwenge”*

(Imigani 27:11)

1. Rubyiruko, mumpe umutima wanyu,
   Mbone uko nsubiza umwanzi wanjye.
   Nimwe mwahisemo kunyiyegurira;
   Mwereke bose ko mumpesha ikuzo.

(*INYIKIRIZO*)

Mwana wanjye ukundwa cyane,
Ugire ubwenge rwose.
Uzankorere ubishaka,
Uhitemo kunsingiza.

2. Mwemeye kunyiyegurira mwishimye.
   Nimusitara mukagwa, nzabegura.
   Uwabagusha uwo ari we wese,
   Mumenye ko mbakunda igihe cyose.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Guteg 6:5; Umubw 11:9; Yes 41:13.)

136 *Yehova azaduha “igihembo kitagabanyije”*

(Rusi 2:12)

1. Yehova Imana azirikana
   Abamukorera bose.
   Azi ko kwitanga kwabo bituma
   Bagira ibyo bigomwa.
   Niba twarasize incuti zacu,
   Yah arabizirikana.
   Yaduhaye abavandimwe beza,
   N’ibyiringiro by’isi nshya.

(*INYIKIRIZO*)

Yehova Imana y’urukundo,
Azaduha imigisha myinshi.
Duhungire mu mababa ye
We Mana yizerwa kandi y’ukuri.

2. Hari ubwo duhura n’ibibazo
   Tukumva biraturenze,
   N’imihangayiko ya buri munsi
   Tukumva iremereye.
   Ariko Yehova Imana yacu
   Ni we uduhumuriza.
   Ijambo rye hamwe n’umwuka wera
   Biradukomeza cyane.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Abac 11:38-40; Yes 41:10.)

137 *Bashiki bacu bizerwa*

(Abaroma 16:2)

1. Mariya na Sara, Rusi n'abandi,
   Bari abagore b'indahemuka.
   Bari bariyeguriye Imana.
   Bari abagore bizerwa cyane.
   Hari ndetse n'abandi bagore,
   Nubwo batavuzwe, bakundwaga cyane.

2. Twibuka imico y'abo bagore,
   Imico myiza ikundwa na bose:
   Ubudahemuka, kugira neza.
   Batubereye intangarugero.
   Hari n'abandi bashiki bacu
   Bafite imico myiza twakwigana.

3. Mwe Bakristokazi, bashiki bacu,
   Mukorana ubwitange mwishimye.
   Mwicisha bugufi mukaganduka,
   Mwemerwa n'Imana, ntimugatinye.
   Mana yacu ujye ubarinda,
   Ube hafi yabo be kuzacogora.

(Reba nanone Fili 4:3; 1 Tim 2:9, 10; 1 Pet 3:4, 5.)

138 *Imvi ni ikamba ry'ubwiza*

(Imigani 16:31)

1. Hari abavandimwe
   Bakuze cyane.
   Barihangana rwose;
   Bagashikama.
   Bafite intege nke,
   Baba bonyine.
   Data, ubakomeze
   Be gucogora.

(*INYIKIRIZO*)

Data ubibuke,
Barakwizera.
Uhe agaciro
Ibyo bakora.

2. Abo bantu bakuze
   Turabubaha.
   Bafite agaciro
   Mu maso yawe.
   Bigeze kuba bato
   Tubizi neza.
   Baritangaga cyane,
   Batizigamye.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 71:9, 18; Imig 20:29; Mat 25:21, 23; Luka 22:28; 1 Tim 5:1.)

139 *Sa n'ureba isi yabaye nshya*

(Ibyahishuwe 21:1-5)

1. Cyo irebe, nanjye ndeba;
   Twese turi muri paradizo.
   Sa n'ureba aho hantu,
   Harangwa n'amahoro menshi.

   Iyo si nshya yegereje
   Nta babi bazayirangwamo.
   Tuzaba turi muri paradizo.
   Tuzasingiza Imana turirimba:

(*INYIKIRIZO*)

Yehova Mana, wakoze neza!
Byose byagizwe bishya na Kristo.
Turirimba bituvuye ku mutima;
Habwa icyubahiro mu bantu bose.

2. Cyo irebe, nanjye ndeba;
Sa n'ureba isi yabaye nshya.
Nta rusaku rwumvikana
Rwaduhindisha umushyitsi.

Ibyavuzwe byasohoye.
Ihema rye riri ku bantu.
Ari hafi kuzura abapfuye.
Tuzifatanya na bo mu gushimira:

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 37:10, 11; Yes 65:17; Yoh 5:28; 2 Pet 3:13.)

140 *Tuzabaho iteka*

(Yohana 3:16)

1. Ibaze twese hamwe,
   Tubana mu mahoro!
   Agahinda kashize,
   Tubaho twishimye.

(*INYIKIRIZO*)

Ririmba wishimye,
Uzabaho neza.
Ubuzima bw'iteka
Buzagushimisha.

2. Nta muntu uzasaza,
   Twese tuzaba bato.
   Nta ngorane, kurira,
   Habe no gutinya.

(*Inyikirizo*)

3. Tuzaba dusingiza
   Imana turirimba.
   Buri munsi n'iteka,
   Tuzayishimira.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Yobu 33:25; Zab 72:7; Ibyah 21:4.)

141 *Impano y'ubuzima*

(Zaburi 36:9)

1. Yehova ni we waremye byose,
   Natwe yaraturemye ngo tubeho.
   Muremyi wacu utubeshaho.
   Ibitangaza byawe birahebuje.

(*INYIKIRIZO YA 1*)

Tujye dushimira Imana yacu,
Yaduhaye impano y'ubuzima bwiza.
Ntitwari dukwiye iyo mpano nziza,
Ariko Yehova yarayiduhaye.

2. Hari abantu batihangana
   Bagacika intege, bakiheba.
   Ntituri nka bo; dusingiza Yah,
   Tumushimira kuba atubeshaho.

(*INYIKIRIZO YA 2*)

Tujye dushimira Imana yacu,
Dukunde na bagenzi bacu, tubiteho.
Ntitwari dukwiye iyo mpano nziza,
Ariko Yehova yarayiduhaye.

(Reba nanone Yobu 2:9; Zab 34:12; Umubw 8:15; Mat 22:37-40; Rom 6:23.)

142 *Dukomere ku byiringiro byacu*

(Abaheburayo 6:18, 19)

1. Twamaze igihe turi mu mwijima,
   Tumeze nk'abiruka ku muyaga.
   Muri twe nta wakiza mugenzi we,
   Kuko turi abanyabyaha.

(*INYIKIRIZO*)

Ririmba unezerewe cyane,
Ubwami bw'Imana burategeka!
Bugiye kuvanaho ibibi;
Ibyo ni byo bituma dushikama.

2. Ntabwo turambirwa ngo twibaze byinshi,
   Kuko umunsi wa Yah wegereje!
   Yehova agiye kutubohora.
   Tumusingize turirimba.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 27:14; Umubw 1:14; Yow 2:1; Hab 1:2, 3; Rom 8:22.)

143 *Tegereza wihanganye*

(Abaroma 8:20-25)

1. Yehova ni we mugenga
   W'ibihe ndetse n'iminsi.
   Agiye kugaragaza
   Ububasha bwe bwinshi.

(*INYIKIRIZO*)

Wowe tegereza wihanganye,
Paradizo iri hafi,
Uzabaho wishimye.

2. Imana yagennye kera
   Igihe cyo kuvanaho
   Abantu b'abanyabyaha
   Ikoresheje Kristo.

(*Inyikirizo*)

3. Nubwo twese tubabara,
   Dutegereje umunsi
   Yehova azavanaho
   Imibabaro yose.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Mat 25:13; Luka 12:36.)

144 *Imigisha tuzabona*

(2 Abakorinto 4:18)

1. Abatabona bazareba,
   Abatumva na bo bazumva,
   Abana na bo banezerwe,
   Amahoro abe hose;
   Abapfuye na bo bazuke,
   Bazabe muri paradizo.

(*INYIKIRIZO*)

Haranira iyo migisha,
Maze ubeho iteka.

2. Isega n'umwana w'intama
   Bizarisha mu rwuri rumwe
   Biragiwe n'umwana muto,
   Bizumvira akajwi ke.
   Kurira na byo bizavaho,
   Ubwoba na bwo buzashira.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Yes 11:6-9; 35:5-7; Yoh 11:24.)

145 *Yehova yadusezeranyije paradizo*

(Luka 23:43)

1. Yah Yehova yasabye Kristo
   Guhindura isi yose.
   Yesu Kristo azavanaho
   Urupfu no kubabara.

(*INYIKIRIZO*)

Paradizo y'isi yose;
Twizeye ko izabaho.
Izazanwa na Mesiya
Abisabwe na Yehova.

2. Twiringiye ko hazabaho
   Umuzuko w'abapfuye.
   Icyo gihe bazishimira
   Kuba muri paradizo.

(*Inyikirizo*)

3. Kristo Yesu, Umwami wacu
   Azazana paradizo.
   Dushimire Data wa twese,
   Dusingiza izina rye.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Mat 5:5; 6:10; Yoh 5:28, 29.)

146 *“Byose ndabigira bishya”*

(Ibyahishuwe 21:1-5)

1. Ibimenyetso byerekana neza
   Ko Ubwami bw’Imana buganje.
   Umwana wayo arategeka,
   Ibyo Yah ashaka bizakorwa.

(*INYIKIRIZO*)

Dore ihema ry’Imana,
Rizaba hamwe n’abantu.
Nta n’imibabaro izabaho,
Nta rupfu n’indwara bizabaho.
Byose Yah azabigira bishya.
Ibyo turabyizeye.

2. Twese turebe Yerusalemu nshya,
   Umugeni w’Umwana w’Intama.
   Atatsw’ amabuye y’agaciro,
   Kandi umucyo we ni Yehova.

(*Inyikirizo*)

3. Uwo murwa ushimishije cyane
   Irembo ryawo rirakinguye.
   Uzamurikira amahanga
   Maze tubone urwo rumuri.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Mat 16:3; Ibyah 12:7-9; 21:23-25.)

147 *Isezerano ry'ubuzima bw'iteka*

(Zaburi 37:29)

1. Twahawe isezerano
   Ry'ubuzima bw'iteka.
   Abantu b'abagwaneza
   Bazaragwa isi.

(*INYIKIRIZO*)

Kubaho iteka
Tubiharanire.
Iryo sezerano
Rizasohora.

2. Paradizo nigarurwa
   Twese tuzatunganywa,
   Tuyoborwe na Yehova,
   Tube mu mahoro.

(*Inyikirizo*)

3. Agahinda kazashira,
   Mu gihe cy'umuzuko.
   Hazaba umunezero,
   Kurira bishire.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Yes 25:8; Luka 23:43; Yoh 11:25; Ibyah 21:4.)

148 *Yehova ni umukiza wacu*

(2 Samweli 22:1-8)

1. Yehova, koko uri Imana nzima;
   Ibikorwa byawe ntibirondoreka.
   Abanzi bawe bose bazatsindwa burundu;
   Uzabarimbura.

(*INYIKIRIZO*)

Yehova arokora abizerwa.
Yehova ni we Gitare gikomeye.
Dutangaza icyubahiro cya Yehova,
Umukiza wacu, dufite ubutwari.

2. Nkiza kuko ngoswe n'ingoyi z'urupfu,
   Umpe imbaraga, ngire ubutwari.
   Mana, umva kwinginga kwanjye maze umpishe;
   Nkiza Mana yanjye.

(*Inyikirizo*)

3. Uzahindisha ijwi ryawe nk'inkuba.
Abakwanga bose bazicwa n'ubwoba.
Abagaragu bawe bazishima babonye
Ukuntu ukiza.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 18:1, 2; 144:1, 2.)

149 *Indirimbo yo kunesha*

(Kuva 15:1)

1. Ririmbira Yah. Izina rye rirakomeye.
   Abanyegiputa yabaroshye mu nyanja.
   Dusingize Yah; ni we Mana Isumbabyose.
   Yehova Imana yaranesheje rwose.

(*INYIKIRIZO*)

Wowe Mana Isumbabyose,
Kuva kera kose ntuhinduka.
Uzanesha abakwanga bose,
Uzeza izina ryawe.

2. Yemwe mahanga murwanya Yehova Imana,
   Namwe muzakorwa n'isoni nka Farawo.
   Muzarimbuka; Harimagedoni iraje;
   Ni bwo muzamenya izina rya Yehova.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Zab 2:2, 9; 92:8; Mal 3:6; Ibyah 16:16.)

150 *Shaka Imana ukizwe*

(Zefaniya 2:3)

1. Amahanga yose
   Arwanya Kristo Yesu.
   Ubutegetsi bw'abantu
   Bugiye kurangira.
   Ubwami bw'Imana
   Ni bwo buzahoraho,
   Kandi Kristo azarimbura
   Abo banzi be bose.

(*INYIKIRIZO*)

Shaka Yehova ukizwe,
Shaka no gukiranuka.
Jya umwizera,
Umwiringire,
Shyigikira Ubwami bwe.
Na we azakurokoza
Ukuboko kwe.

2. Tubwiriza bose
Ubutumwa bw'Ubwami,
Abantu bagahitamo
Kwemera cyangwa kwanga.
Ibigeragezo
Ntibiduhahamura.
Yah yita ku bantu bizerwa;
Yumva gutaka kwacu.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone 1 Sam 2:9; Zab 2:2, 3, 9; Imig 2:8; Mat 6:33.)

151 *Imana izabazura*

(Yobu 14:13-15)

1. Ubuzima bumeze nk'igicu
   Kitamara kabiri.
   Ubuzima bwacu ni bugufi
   Dutungurwa n'urupfu.
   Twiringiye ko niyo twanapfa
   Tuzongera kubaho.

(*INYIKIRIZO*)

Abantu bacu bapfuye
Imana irabazi,
Kandi izabazura
Ibyo turabyemera.
Wizere ko bazazuka
Kandi ntushidikanye.
Bazabaho iteka
Maze tubane na bo.

2. Abakunda Yehova nibapfa,
   Ntibazibagirana.
   Abapfuye Imana yibuka,
   Bazakanguka rwose,
   Maze tubane iteka ryose
   Dufite ibyishimo.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone Yoh 6:40; 11:11, 43; Yak 4:14.)

Irangiro hakurikijwe itondazina:

Ahantu hitirirwa izina ryawe 92
Bafashe gushikama 79
Bashiki bacu bizerwa 137
“Byose ndabigira bishya” 146
Data, Mana yanjye, ncuti yanjye 30
‘Dufashe abadakomeye’ 102
Dufite amahoro 113
Duhe gushira amanga 73
Duhe umuco wo kumenya kwifata 121
Duhe umwuka wera 104
Dukomere ku byiringiro byacu 142
Dukorane mu bumwe 101
Dukore umurimo w’isarura 64
Dukorere Yehova mu busore bwacu 133
Dukundane tubikuye ku mutima 109
Dusenge Yehova buri munsi 47
Dushakishe abakunda amahoro 58
Dushakishe abakwiriye 70
Dushikame tutanyeganyega! 122
Dushimire Imana kwihangana kwayo 115
Dushimishe umutima wa Yehova 49
Dusingize Umwami mushya w’isi 14
Dusingize Yehova 59
Dusingize Yehova Imana yacu! 10
Dutangaze ubutumwa bwiza 66
Dutungwa n’Ijambo rya Yehova 97
Guhishurwa kw’abana b’Imana 27
Ha umugisha amateraniro yacu 93
“Hahirwa abanyambabazi” 125
Ibihumbi byinshi by’abavandimwe 99
Ibyanditswe byahumetswe n’Imana 98
Ibyaremwe bisingiza Imana 11
“Ibyishimo bituruka kuri Yehova” 110
Ibyo umutima wanjye utekereza 45
“Icyo Imana yateranyirije hamwe” 131
Ifunguro ry’Umwami rya nimugoroba 19
Igitabo cy’Imana ni ubutunzi 96
Ijuru ritangaza icyubahiro cy’Imana 6
Ikoreze Yehova umutwaro wawe 33
Imana izabazura 151
Imana izagukomeza 38
‘Imana ni urukundo’ 105
Imico ya Yehova 1
Imigisha tuzabona 144
Imirimo itangaje y’Imana 5
Imirimo yacu irangwa n’urukundo 91
Impamvu zituma tugira ibyishimo 111
Impano y’ubuzima 141
Imvi ni ikamba ry’ubwiza 138
Indirimbo nshya 62
Indirimbo yo kunesha 149
Isengesho ry’umugaragu w’Imana 42
Isengesho ry’uworoheje 44
Isengesho ryanjye ryo kwiyegurira Imana 50
Isengesho ryo gushimira 43
Isezerano ry’ubuzima bw’iteka 147
“Iyi ni yo nzira” 54
Jya mbere! 65
Komeza gushaka mbere na mbere Ubwami 21
Korera Yehova 32
Korera Yehova utizigamye 37
Kristo ni we cyitegererezo cyacu 13
“Ku nzu n’inzu” 83
Kwitanga kwa gikristo 52
Kwitegura umurimo wo kubwiriza 53
Menyesha inzira yawe 88
“Mukomeze kwihangana” 114
‘Mureke umucyo wanyu umurike’ 82
“Mwana wanjye, gira ubwenge” 135
Mwebwe Bahamya nimujye mbere! 61
‘Ndi hano ntuma’ 75
Ni jye mwabikoreye 26
Nibumvira bazakizwa 60
Nimusingize Umwana w’Imfura wa Yehova! 15

"Nimusogongere mwibonere ukuntu Yehova ari mwiza" 80
Nimuze muhumurizwe! 87
Ntimukabatinye! 55
Rinda umutima wawe 36
Sa n'ureba isi yabaye nshya 139
Shaka Imana ukizwe 150
Tega amatwi, wumvire, uhabwe imigisha 89
Tegereza wihanganye 143
Tube incuti za Yehova 28
Tube maso kandi dushikame 126
Uwo ngomba kuba we 127
Tubeho duhuje n'izina ryacu 29
Tubibe imbuto z'Ubwami 68
Tubwirize abantu b'ingeri zose 57
Tubwirize ubutumwa bwiza 69
Tugandukire gahunda yashyizweho n'Imana 123
Tugendane na Yehova 31
Tugendane na Yehova buri munsi 48
Tugendere mu nzira itunganye 34
Tugomba kugira ukwizera 119
Tujye duterana inkunga 90
Tujye ku musozi wa Yehova 24
Tujye tubabarira abandi 130
Tujye twihangana kugeza ku mperuka 128
Tujye twiyoroshya nka Kristo 120
'Tumenye neza ibintu by'ingenzi kurusha ibindi' 35
Tumenyekanisha ukuri k'Ubwami 72
Turagushimira ku bw'incungu 18
Turakwiringira kandi turakwizera 3
Turi Abahamya ba Yehova! 63
Turi indahemuka 124
Turi ingabo za Yehova! 71
Turirimbe indirimbo y'Ubwami! 74
Tuzabaho iteka 140
Tuzakomeza kwihangana 129
Twagure umurimo 84
Twakira abantu neza 100
Twakirane 85
Tugomba kwigishwa 86
Twigane urukundo rw'Imana 107
'Twigishe ijambo ry'Imana' 78
Twiheshe izina ryiza ku Mana 39
Twishimira Ijambo ry'Imana 94
Twitoze kugaragaza urukundo 106
Twiyeguriye Imana! 51
"Twongerere ukwizera" 118
Ubu tubaye umwe 132
Ubuzima bw'umupayiniya 81
Ubwami burategeka—Nibuze! 22
"Ubwirize Ijambo" 67
Ukuri kugire ukwawe 56
Umuco wo kugira neza 117
Umuco wo kugwa neza 116
Umucyo ugenda urushaho kuba mwinshi 95
Umucyo umurika mu isi y'umwijima 77
Umurage Imana yahaye ababyeyi 134
Umutungo w'Imana 25
Umva isengesho ryanjye 41
Uri uwa nde? 40
Urukundo rudahemuka rw'Imana yacu 108
Wakwiyumva ute? 76
Warakoze Yehova 46
Watanze Umwana wawe ukunda 20
Yehova azaduha "igihembo kitagabanyije" 136
Yehova Mana ikomeye 12
Yehova ni Imana y'amahoro 112
Yehova ni imbaraga zacu 7
Yehova ni ryo zina ryawe 2
Yehova ni ubuhungiro bwacu 8
Yehova ni umukiza wacu 148
Yehova ni Umwami wacu! 9
"Yehova ni Umwungeri wanjye" 4
Yehova yaduhaye abungeri 103
Yehova yadusezeranyije paradizo 145
Yehova yasutse umwuka ku Mwana we 16
Yehova yatangiye gutegeka 23
Yesu yakundaga abantu 17